

UMUSESOSO

IKINYAMAKURU KIMURIKIRA ABATURARWANDA

Kagame
yasonjesheje
abanyarwanda
kuruta
Habyarimana

Umwaka VIII: No 387, 21 - 28 Ukuvoza 2009, B.P 4353 Kigali-Rwanda. Tel: 0788354880. E-mail: umuseso@yahoo.co.uk. Frw 500, Ush 1500, Fbu 1000,


Amabanga y'ikuzimu



- *Uko Joseph Sebarenzi yatahuye ko Kagame yitegura kumwica*
- *Uburyo Sebarenzi yaciye mu rihumye maneko, yihishe mu mizigo*
- *Gen. Nziza, Lt. Col Nda Hiro , bahata ibibazo umufasha we*
- *Uko yari afatiwe kumupaka Kagitumba, arikimwe na Ben Rutabana*
- *Imigeri n'inkoni acyambuka umupaka*



Ibyo mutamenye kuri Kongere
ya FPR: Icyo umunyemari
Rujugiro, Minisitiri Musoni,



Tumwe
m'udutendo
n'uduhamamunwa
twabaye muri
Gacaca

PS Imberakuri mu
nzira ya MDR

Rwanda-France:
Amayobera
matagatifu yihishe
inyuma y'umubano
mushya(Ntukizere
igicucu cyawe)

IBIRIMO

UKO MBYUMVA

Didas M. Gasana
arakwereka ikinyoma
n'ikinamico mu matora ya
FPR....P.4

IBIMBABAZA

Charles B. Kabonero
arakwereka icyo
Habyarimana arusha
Kagame...P.14

Umwanditsí arakwereka
impamvu UCT
ariyo gutabarwa, no
gutabarizw.. P.12

Girinka nk'isoko
y'ubukire ku bayobozi mu
Rwanda....P.10

AMAKURU

Amabanga y'ikuzimu

- Uburyo Sebarenzi yatahuye ko Kagame yenda kumwica
- Uko Sebarenzi yaciye mu rihumye maneko z'u Rwanda, yihishe mu mizigo
- Gen. Nziza, Lt. Col Nda Hiro, bahata ibibazo umufasha we
- Uko yari afatiwe hafi y'umupaka wa Kagitumba, ari kumwe na Ben Rutabana
- Uko umufasha we yagarukiye mu nzira, ahunga



Nibyo, sibyo? Perezida Kagame (Photo/ Archives)



Yahuye n'akaga: Sebarenzi (Photo/ Archives)



Yanyuzwe mu rihumye: Nda Hiro (Photo/ Archives)

Ayo mabanga yose, akubiye mu gitabo tumaze iminsitwibanzeho, cyanditswe na Joseph Sebarenzi Kabuye, yise: "God Sleeps In Rwanda; A Journey of Transformation."

Muri Chapitre ya 10 y'icyo gitabo, Sebarenzi atangira agaragaza uburyo, nyuma yo kweguzwa ku gahato na Perezida Kagame, ku mwanya wa Perezida w'inteko ishinga amategeko, ndetse akanavanwa ku mwanya w'ubudepite na Forumu y'amashyaka, Sebarenzi yatangiye kubwirwa na bamwe mu nshuti ze ko hari umugambi wo kumugirira nabiko Kagame ashaka kumwica. Ukuri kwabyo cyangwa se kutaba ukuri kwabyo kuzwi nawe n'abo bagusangiye, ariko Sebarenzi we agaragaza ko inshuti ze zitari nke, zamubwiye ko Paul Kagame, icyo gihe wari Visi Perezida, ataguwe neza n'induru y'amahanga, kw'iyeguzwa rya Sebarenzi.

Sebarenzi ariko avuga ko atabyemeye, ko atumvaga impamvu Kagame yashaka ko atabaho, ariko, yaje kubyemezwa n'umwe mu bavandimwe be ba hafi, wamusenze iwe mu rugo, amufitiye ubutumwa, yahawe n'umwe mu nshuti ze, icyo gihe wakoreraga mu ishami ry'iperereza. Ubwo nibwo Sebarenzi yabyemeye, kuko yari azi aho ayo makuru avuye.

Sebarenzi akomeza avuga ko umugambi wari uwo kumurasa, bikitirwa abagizi ba nabi,akanemeza ko icyo gihe, ari yo yari inzira yo kwikiza abo Kagame

atashakaga. Icyo gihe, nubwo atari akiri Perezida w'inteko, yari agifite abasirikare bamurinda, ariko akemeza ko mu by'ukuri, atari abo kumurinda, ahubwo bari abo kuzamwica. Icyo gihe, urupfu rwa Pierre Claver Rwangabo, wari Perefe wa Butare, warashwe avuye mu nama mu 1995, ndetse n'urwa Vincent Nsanzabaganwa, wari Visi Perezida w'urukiko rw'ikirenga, warasiwe iwe, byahise biza mu mutwe we. Umugambi wari umwe wonyine, wo kuva mu gihugu, ariko, Sebarenzi avuga ko byamubabajecyane, kongera kuba impunzi bwa kabiri, ariko nta kundi byagombaga kugenda.

Ikibazo cyabaye aho ahungira.

We n'umufasha we Liberata,

batekereje guhungira muri ambasade

y'Amerika, ariko Sebarenzi atinya

ko Kagame yakoresha dipolomasi,

akamuvanayo.

Akomeza avuga ko Tanzania atari

yarigeze ayigeramo, Congo ho hariyo

intambara, Burundi, yanabayemo,

ayitinyira ubucuti bwayo na Leta y'u

Rwanda. Umugambi uba kwerekeza

iya Uganda, icyo gihe itaracanaga

uwana na Leta y'u Rwanda.

Yahisemo gucura umugambi wo

gutoroka adafashwe, we na murumuna

we Emmanuel, ariko ntibabishobora,

bahitamo kwiyambaza umuvandimwe

wabo, Rutabana Ben, umucuranzi

uzwi mu Rwanda, wanabayeho

umusirikare muri RPA, ariko ubu

nawe wahanze igihugu.

Umugambi

Ku cyumweru, Sebarenzi yagombaga gutwara abana be bakuru ku rusengero, Liberata agasigara mu rugo n'abana bato. Sebarenzi agasiga abana ku rusengero, akagaruka mu rugo, akabwira abari bashinzwe kumurinda, ko yumva atameze neza. Icyo gihe, bari mu nzira zo kwimuka, bakava mu nzu ya Leta babagamo. Murumuna we, Emmanuel, yagombaga kwirirwa mu rugo, atunda ibuntu, abyimura. Nyuma y'inthuro enye cyangwa eshanu, Sebarenzi nawe akajya mu mizigo, agacikira aho bendaga kwimukira. Kuri iyo nzu, niho Ben Rutabana, ari kumwe n'abandi bagabo babiri bagombaga kuba bamutegerereje. Aho, agafata indangamuntu ya murumuna we, Emmanuel, avuga ko basa cyane, akayikoresha mu nzira, atoroka. Yagombaga kuva kuri iyo nzu bimukiragamo, na Rutabana, n'abo bagabo babiri, mu modoka, bagasanga moto, mu nkengero z'umujiyi wa Kigali, ibategereje, bakajyana bashoreranye, kugira ngo nibegera bariyeri, Sebarenzi ave mu modoka, agende kuri moto, kuko niyo itapfa gukekwa ngo isakwe, kugera bageze ku ruzi rw'Akagera, rugabanya Uganda n'u Rwanda, agaca panya, akambuka.

Umugambi urakomeza: Liberata we yagombaga guca iya Gatuna.

Emmanuel yagombaga kumugeza kuri

ya nzu bimukiragamo, agahindukira,

agafata Liberata n'abana batoya,

bakerekeza iya Gatuna, bagahurira

Uganda. Hanyuma abana bakuru

AMAKURU

Amabanga y'ikuzimu

bagasigara mu maboko ya Emmanuel. Uko niko uwo mugambi washyizwe mu bikorwa, Sebarenzi acika maneko zamurindaga zitarabutswe, ariko ntivasohoza uko wapanzwe. Byabanje gupfira ku mufasha we Liberata, wageze mu nzira, akibuka ko yataye passport ye, agahita asubira inyuma. Ageze hafi y'iwe, yahisemo gusigara kuri pharmacy n'abana,



Yatabaye uri mu kaga: Ben Rutabana a.k.a Africa warakubitse

(Photo/ Archives)

Emmanuel ajya kumuzanira passport ye, ariko ageze yo, asanga maneko zarindaga Sebarenzi, zamaze gutahura ko Sebarenzi yabaciye mu rihumye. Emmanuel yahise atabwa muri yombi, ajyanwa mu ishami rishinzwe iperereza rya gisirikare (DMI). Liberata, nyuma yo gutegeze Emmanuel agaheba, atazi ko yamaze gutabwa muri yombi, yafashe taxi, ajya mu rugo, asanga Emmanuel bamutambikanye.

Nkuko Sebarenzi akomeza abivuga, ako kanya Liberata akigera mu rugo, Gen. Jack Nziza, hamwe na Lt. Col. Dr. Emmanuel Ndahiro, bahise basesekara mu rugo, batangira kumubaza aho Sebarenzi ari. Liberata yabasubije ko Sebarenzi yagiye, ariko ko atazi aho yagiye. Bamubaza niba yagiye kuri ambassade, i Burundi, Uganda, ariko abasubiza ko atabizi.

Bamutegetse guhamagara Sebarenzi, akamubwira ko nta kibazo, akwiye kugaruka, ariko telefone ya Sebarenzi, yari yayisigiye murumuna we Emmanuel, nawe wahise ayihisha, kimwe na passport ye, akigera mu rugo, akahasanga abasirikare. Byombi byaje gutahurwa n'abari bashinzwe kurinda Sebarenzi, mu isakwa ryakurikiye.

Uko umupango wo guhunga kwa Sebarenzi ubwe, wo wagenze neza, ariko bari bafatiwe hafi ya Kagitumba

Nkuko Sebarenzi akomeza abivuga, basatira umupaka wa Kagitumba, bahuye n'imodoka ya Polisi, iva Kagitumba. Bakibisikana, iyo

modoka yarahagaze, ishinga bariyeri hafi y'umupaka, ariko Sebarenzi we yari amaze kuyitambuka. Ageze ku Kagera, nibwo Rutabana yamusezeyeho. Sebarenzi, avanamo imyenda, acurika iy'akagera, arambuka.

Inkonu n'imigeri mu maboko ya LDF ya Uganda

Urugendo ariko ntirwabye amahoro namba. Akigera hakurya muri Uganda, yizeye ko acitse Kagame, Local Defense za Uganda, zaramuhagaritse, we na mugenzi we bari bavanye i Kigali, wagombaga kumufasha mu nzira, nawe witwa Emmanuel. Baketsweho ko ari ba maneko ba Kagame, bahatwa imigeri n'inkoni karahava, bagarurwa ku biro bya Polisi ya Uganda, hakurya y'umupaka w'u Rwanda. Sebarenzi ati: "numvaga birangiye, ngye kugarurwa mu Rwanda."

Babanje kubeshya ko ari abacuruzi, bajya Kampala, ariko basabwe ibyangombwa, LDF isanga ari abanyarwanda, biba bishumiye ku murari. Inkonu ziriyongera, kugeza ubwo Sebarenzi yahisemo kubabwiza ukuri, anatakamba ko atatwarwa hafi y'umupaka w'u Rwanda, ariko biba iby'ubusa.

Kuri polisi rero, nkuko Sebarenzi akomeza abivuga, yisobanuye ukuri kose, ariko uwoba ari bwose. Abapolisi ba Uganda bemeye kumufasha, ariko nta modoka ihari, nta n'uburyo babwira abakuru babo ikibazo cya Sebarenzi.

Kuri Sebarenzi, byabaye Imana, ubwo haturukaga imodoka iva mu Rwanda, irimo umusirikare ukomeye wa Uganda, wari uvuye mu Rwanda. Ageze kuri polisi ya Uganda, kubera abantu benshi bari aho, yagiye kubaza ikibazo gihari. Abapolisi baramusobanuriye, yemera gufasha Sebarenzi, akamutwara.

Kubera akavuyo kari aho, abapolisi b'u Rwanda, nabo bari bamaze kwambuka kureba icyabay. Abapolisi ba Uganda babibonye, bahita babwira uwo musirikare guhita agenda, yihuse, agacikisha Sebarenzi. Bahita batsimbura, berekeza Kampala. Umufasha we, yaje kuza nyuma. Leta ya Uganda, ifatanyije na Ambasade ya Leta zunze ubumwe z'Amerika muri Uganda, na UNHCR, bashoboye kumubonera uburyo adatinda muri Uganda, ahabwa ubuhungiro muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Nyuma ye, hakurikiye ihunga rya Pierre Celestin Rwigema, urupfu rwa Assiel Kabera, iyegura n'ifungwa rya Bizimungu.

Ben Rutabana ariko nawe ntiyabaye amahoro. Leta y'u Rwanda, imaze

gutahura ko yafashije Sebarenzi guhunga, yohereje Liyetona Murera kumufata, ariko amugezeho, amumenera ibanga, bahitamo guhunga bose, berekeza i Burundi. Kubomereza Tanzania, ariko Leta y'u

Rwanda, ishobora kumvisha Leta ya Tanzania ko bombi bashakishwa n'ubutabera bw'u Rwanda, kubera kwica umucuruzi w'umuuhinde. Leta ya Tanzania, ibagarura mu Rwanda. Kubwa Sebarenzi, iyo bitaza kuba

itangazamakuru mpuzamahanga ryatangaje ibyabo, ntibari kubaho. Rutabana, ubu akaba ari mu Bubiligi.

Didas M. Gasana



British Embassy Chevening Scholarships 2009 - 2010

The British Embassy is pleased to announce the competition for Chevening Scholarships for postgraduate study in the UK for the academic year 2010 - 2011.

What are Chevening scholarships?

Chevening scholarships are prestigious awards enabling Rwandan students to study one-year Master's level courses in UK universities. The scholarships enable talented graduates and professionals who are potential leaders of the future to gain skills that will benefit Rwanda. Under this year's programme, scholarships will be offered for courses beginning in September 2010. The Chevening Scholarship Scheme is run in over 100 countries and was established in Rwanda in 1999.

Criteria

Competition for Chevening scholarships is intense. Candidates must:

- be a Rwandan national resident in Rwanda
- hold a good undergraduate degree level qualification, and have proven academic skills
- have at least two years of work experience relevant to the course they wish to study
- have a good level of English language (at least the equivalent of IELTS level 6.5)
- be able to demonstrate their potential for leadership with examples of how they have shown leadership in their career to date
- show a commitment to return to Rwanda and contribute to Rwanda's development through implementing new skills and knowledge acquired in the UK
- have a clear idea how their scholarship and chosen course of study will benefit Rwanda on their return

How to apply

Candidates should visit the Embassy website at www.ukinrwanda.fco.gov.uk for further details of the scholarship scheme, criteria, and how to apply. All applications must be completed using the online application form accessed from the website.

Applications must be submitted using the online system by **Thursday 14 January 2010**. Applications received after this date will not be considered. Candidates shortlisted for interview will be notified by Friday 22 January. A panel of three interviewers will interview shortlisted candidates in early February. Due to the anticipated high number of applicants, we are regrettably unable to contact candidates who have not been shortlisted.

British Embassy Kigali
December 2009

UMUSESOS

IKINYAMAKURU KIMURIKIRA ABATURARWANDA

Managing Director
Charles B. Kabonero
Cell: 0788354880

Managing Editor
Didas M. Gasana
Cell: 0788691253

Design and layout
Richard M. Kayigamba
Cell: 0788671930

Dore Uko Tubibona

Abayobozibarijuse, inzara iraca ibintu mu baturage

Mu byumweru bibiri bishize, umukuru w'igihugu yatangarije amwe mu maradio akorera mu Rwanda, ko kimwe mu binti yishimira Leta ye yagezezo, ari ukwiha mu biribwa. Ntibyateye kabiri mu cyumweru gishize, Radio Rwanda, inyuzaho amajwi y'abaturage batabaza ba-vuga ko nihatagira igikorwa haboneka intumbi z'umudari zigarama mu ntara y'amajyepfo. Nta gihe na none cyari gishize umukuru w'igihugu, acyashye abayobozi b'uturere bari mu mihigo, ababwira ko bwaki yigaragaza mu turere bayobora, ko ibyo bahiga bihabanye n'ibyo amaso yibonera.

Iri vuguruzanya cyangwa uku gucika ururondogoro, mu gihe gito, ni ikimenyetso simusiga cy'ikibazo cy'ibiribwa cyabaye akarande mu duce twinsi two mu Rwanda. Amaraporo y'imiryango mpuzamahanga yita ku biribwa n'imire, nta gihe aterekanye ko u Rwanda ruri mu bihugu bihora byugarijwe n'ikibazo cy'ibiribwa bidahagije (food insecurity). Leta y'u Rwanda nayo, ikinyoma yimakaje mu zindi nzego nka politiki, ikoranabuhanga n'izindi, yagerageje kugishyira muri uru rwego, ariko umuntu udafite ibyo kurya, ntiwamuhisha amahanga nkuko wamuhisha usonzeye demukarasi cyangwa ikoranabuhanga.


Iyi nzara idashira, ntituruka ku bihe nkuko bamwe babikeka. Ahubwo ituruka kuri politiki mbi mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, politiki mbi mu bucruzi bw'ibiribwa bike biboneka ku masoko y'imbere mu gihugu ndetse no kwirarira, hashyirwaho imisoro ihanitse ku biribwa bituruka mu mahanga. Umupira uri mu izamu rya Leta.

Ubwanditsi

UKO MBYUMVA

Ikinyoma n'ikinamico mu matora ya FPR

- *Umuhango: Sheikh Abdul Karim Harelimana nka Dr Charles Muligande mu 2000*
- *Kagame yageze ku ntego: Kongera kubona ba Patrick Mazimpaka, Emile Rwamasirabo ntibishoboka*



na
**Didas M.
GASANA**

Ku wa 12 Ukuvoza 2009, habaye kongere y'ishyaka rya FPR Inkotanyi. Icyo gihe, hanatowe na Perezida w'iryo shyaka, Visi Perezida, umunyamabanga mukuru, ndetse b'abakomiseri. Nkuko byagombaga kugenda, Paul Kagame yongeye gutorerwa kuba Perezida, Christopher Bazivamo nka Visi Perezida, Francois Ngarambe atorerwa kuba umunyamabanga mukuru wa FPR.

Mu bakomiseri batowe harimo Chrisologue Karangwa, Musoni James, Tito Rutaremara, Joseph Karemera n'abandi.

Ayo matora ya Perezida wa FPR, yagaragaje ibintu bibiri by'ingensi. Icyo mbere, ni ikinyoma cya FPR kimaze gushinga imizi, ku buryo bigaragara ko ntaho kizajya. Icyo kabiri, ni ugutsinda kw'igitugu cya Perezida Kagame, ari nacyo gihangayikishije cyane.

Uko byagenze uwo munsi, niko byagenze mu matora ya Perezida wa Repubulika, mu nteko ishinga amategeko, mu mwaka wa 2000, ubwo uwahoze ari Perezida, Pasteur Bizimungu, yari amaze kwegura, ni ukuvuga gutekinika umuntu nka Sheikh Abdul Karim Harelimana, guhatana na Paul Kagame ku mwanya wa Chairman wa FPR, nkuko FPR yatekinse Dr. Charles Muligande, guhatana na Kagame, mu 2000.

Impamvu, ni ugushaka kugaragaza FPR nk'ishyaka rifite demokarasi, aho abanyamuryango bafite ijambo, n'ubushobozu bwo kwitorera ubayobora. Indi mpamvu, ni ukugaragaza ko Kagame atari we kamara, ko yasimburwa, ariko byose, ni ikinyoma n'ikinamico.

Iki kinyoma n'ikinamico, usibye no gushyirwa mu ngiro, biranavugwa no mu magambo. Mu kiganiro aherutse kugirana n'amwe mu maradio akorera mu Rwanda, ndetse n'icyo yagiranye n'abanyamakuru, ku wa 16 Ukwakira 2009, Perezida Kagame yabajiwe niba aziyamamariza umwanya wa Perezida wa Repubulika, mu matora ateganyijwe mu mezi make ari imbere.

Mu gusubiza, Kagame yavuze ko aziyamamaza ishyaka rye nirimitangaho umukandida.

naganiriyie n'umwe mu bantu bakomeye muri FPR, wanagine uruhare rukomeye mu kuyishinga, mubaza impamvu we atiyamamaje ku mwanya wa Perezida wa FPR. Igisubizo yampaye ni umugani w'ikinyarwanda. Ati: "ufite agatwe gato, akarinda uruguma."

Iki gisubizo, kandi nanje nari nzi ko ari cyo ari bunsubize, kiratugeza ku kintu cya kabiri ariya matora ya FPR aherutse, atwereka.

Icyo ni ukuba Perezida Kagame yarageze ku ntego ye yo kwimika ubwoba mu mitima y'abanyarwanda- kuva ku banyepolitiki, abaturage, n'abandi, ku buryo nta muntu ukomeye muri FPR watinyuka kwihandagaza, ngo arashaka guhangana nawe.

Kagame yigijeyo abanyepolitiki ba FPR bari bakomeye, bashobora kumutinyuka, haba mu guhangana nawe mu bitekerezo, cyangwa se guhangana n'ibikorwa bye bishobora kuba atari byo byiza kuruta ibindi. Muri ubwo buryo, yetse n'abasigaye isomo, ko guca ukubiri nawe, ari ukwicukurira imva. Byari mu nyungu ze. FPR isigara ari ku nyuguti gusa, ari ndiyo bwana.

Ni ukuvuga ngo uwo munyepolitiki wa FPR, iyo arebye ibyabaye kuri Patrick Mazimpaka, washatse guhangana na Kagame mu matora ya Perezida wa FPR mu mwaka wa 1998, ahita avuga ati: "aho gupfa none, nzapfa ejo." Iyo umuntu nka Tito Rutaremara, arebye ibyabaye kuri Dr. Emile Rwamasirabo, washatse guhangana na Kagame mu matora y'uzahagararira FPR mu matora ya Perezida wa Repubulika, mu mwaka wa 2003, ahitamo kurinda agatwe ke gatoya. Ariko ikibazo gikomeye kikaba niba ikinyoma cya FPR cyo kwigaragaza neza, n'igitugu cya Kagame cyateye ubwoba buri munyarwanda, bizaramba.

Igisubizo: Ntabwo bizaramba namba, ahubwo bizasenyuka nabi, bishitane n'abarinda agatwe kabu uruguma ubu.

Cellphone: 0788691253
E-mail: diga_mbi@yahoo.fr

Nyuma ya kongere ya FPR yateranye ku wa 12 Ukuza 2009, byara menyekanyo ko umunyemari Tribert Ayabatwa Rujugiro na Minisitiri Musoni Protas batakiri abakomiseri ba FPR, ariko ikitaramenyekanyo, ni impamvu yabayo.

Nkuko ikinyamakuru Umuseso kibikesha bamwe mu bantu bari muri iyo kongere, umunyemari Tribert Rujugiro ntiyongeye gutorerwa umwanya w'ubukomiseri bwa FPR, kubera ibibazo by'ubutabera afitanyo na Leta y'Afurika y'epfo, ndetse n'imywirare ye idahesha agaciro FPR yo kunyereza imisoro ya Afurika y'epfo. Iyo akaba ari nayo mpamvu, mu minsi yashize, umunyemari Tribert Ayabatwa Rujugiro yavanywe ku mwanya w'umujyanama wa Perezida Kagame.

Icyo gihe, David Himbara, umwe mu bajyanama ba Kagame, akaba yaratangarije itangazamakuru ho Rujugiro yazize imywirare ye idahesha ishema Perezida Kagame nk'umujyanama we.

Twibutse ko ibibazo bya Rujugiro afitanyo n'ubutabera bwo muri Afurika y'epfo, byatangajwe bwa mbere mu Rwanda n'ikinyamakuru Umuseso. Ibyo ibibazo bikaba ari ugucuruza magendo, kunyereza imisoro y'Afurika y'epfo, igeru ku marandi miliyon 57, n'ifatirwa ry'imitungo ye muri icyo gihugu, no gutangirwa manda kuri we n'abuhungu be babiri.

Rujugiro yahise ahakana ayo makuru, atangariza abanyarwanda ko Umuseso wamubeshye, wamusebeje, ahita atwara iki kinyamakuru mu rukiko. Nubwo Umuseso watangaje ukuri kuri Rujugiro, urwo rubanza rwarangije abanyamakuru babiri b'Umuseso, Charles Kabonero na Didas Gasana, bahawo ighano cy'igifungo cy'umwaka umwe gisubitswe, no gutanga amande angana na miliyon imwe y'u Rwanda. Uru rubanza ubu rukaba ruri mu bujurire, rukaba ruzasubkurwa mu ntangiriro za Gashyantare 2010.

Nubwo ariko Rujugiro yahakanyo ko ayo makuru atari impamo, nyuma y'iminsi mike, yaje gucakirira ku kibuga cy'iindege mpuzamahanga cya Hearthrow, mu Bwongereza, azira manda yatanze n'ighugu cy'Afurika y'epfo, kubera ibyo byaha Umuseso waru wavye. Yaje kwemera icyaha, yemera kuriha ayo mafaranga.

Iyirukanwa rya Rujugiro ku mwanya w'ubukomiseri muri FPR bikaba ari indunduro ya Rujugiro muri politiki y'u Rwanda.

Siwe wenyinge ariko. Na Minisitiri ushinzwe ibikorwa by'inama y'abaminisitiri, Musoni Protas, nawe yatakaje umwanya w'ubukomiseri.

Amakuru yizewe dukesha abari muri iyo nama, ariko badusabye kudashyira ahagaragara amazina yabo, yemeza ko Musoni yatanzweho umukandida, ariko akanga kwiyamamaza, kubera ikibazo afitanyo n'Umuseso. Nkuko umwe mu bayitabiriye yahiduhishuriye, Musoni yagize ati: "Amatora azahoraho. Sinshaka kwiyamamaza ubu, kubera ikibazo mfitanyo n'Umuseso."

Ikibazo Musoni avuga, ni amakuru iki kinyamakuru cyamuvuzeho, arebana n'urukundo rwe rw'ibanga, hagati ye na Meya Kirabo Kakira.

Kimwe na Rujugiro, Musoni nawe aratangaza ko ayo makuru atari ukuri, ko ari ukumusebya. Nawe akaba yariyambaje inkiko n'Inama nkuru y'itangazamakuru.

Muhihebamwe mu bayobozi b'Umuseso

Ibyabereye muri Kongere ya FPR mutamenye


- **Min. Musoni, umunyemari Tribert Rujugiro, hanze**
- **Musoni n'Umuseso: Uko inama y'inama nkuru y'itangazamakuru ku kibazo cy'Umuseso yagenze.**



Hanze: Min. Musoni
(Photo/ Archives)



Agatoki ku kandi: Mu-
lama (Photo/ Archives)



Hanze: Rujugiro (Photo/ Archives)

bitabye ubugenzyaha, hakaba hategerewe igithe ikirego kizagerera mu rukiko, Inama nkuru y'itangazamakuru, yo yicaye ku wa 16 Ukuza 2009, kwiga ku bibazo bimwe, birimo n'ikibazo cya Musoni n'Umuseso.

Twibutse ko Inama nkuru y'itangazamakuru yasabye ubuyobozi bw'ikinyamakuru Umuseso ibisobanuro ku birego icyo kinyamakuru cyarezwe na Minisitiri Musoni, ariko, ubuyobozi bw'Umuseso bukaba butaratanze ibyo bisobanuro, kubera ko ikibazo kiri mu nzego z'ubutabera.

Kuri uwo munsi, amasaha yafatiranye abagize Inama nkuru y'itangazakuru, batariga ku kibazo cya Musoni n'Umuseso.

Nkuko tubikesha maneko zacu zikorera mu biro indani by'unyamabanga nshingwabikorwa w'inama nkuru


y'itangazamakuru, Patrice Mulama, ndetse na bamwe mu bitabiriye iyo nama, ariko badusabye guhishira amazina yabo, Mulama yagerageje kumvisha abagize iyo nama nkuru y'itangazamakuru ko icyo kibazo cyihitirwa cyane, ko bagomba kucyigaho, bakagifataho umwanzuro, ariko bamwe mu bagize iyo nama bamusubiza ko bazacyigaho undi munsi.

Mulama ntiyanyuzwe ariko, nkuko bakomeje babidutangariza. Yabwiye abagize inama nkuru y'itangazamakuru ko icyo kibazo agiha komisiyo, ikazagifataho umwanzuro, ariko bamwe mubagizeinamankury y'itangazamakuru, bamuwira ko bidashoboka ko komisiyo yafatira imyanzuro inama y'ubutegetsi yose y'inama nkuru y'itangazamakuru. Icyo kibazo, kikaba cyarimuriwe ku wa 30 Ukuza 2009.



Newsline YOUR ONLY INDEPENDENT ENGLISH NEWSPAPER
Rwanda Champion IKINYAMAKURU KIMURU ABATURARWANDA
Kigali, kuwa 10 Ukuza 2009

ue de la Nyabugogo B.P 4353, Tel: (250) 0788691253, 0788354880, 0788671930, E-mail: umuseso@yahoo.co




Kigali, kuwa 10 Ukuza 2009

Bwana Perezida w'inama y'ubutegetsi ya MHC
Ndadamenyesha ko ibarwa mwanyandikye, kuwa 07 Ukuza 2009, Ref. No 0489/MHC/09, yangezeho.

Mur'yo barwa, mushingiye ku kirego cya Minisitiri Musoni Protas aho aturega inkuru y'impimbano, ibinyoma bidafite ishingiro bigamije kumusebya no kumutesha agaciro, byose bituruka ku nkuru twasohoye mu kinyamakuru Umuseso, No 382, cyo kuwa kuwa 16-23 Ugushyingo 2009, ifite umutwe ugira uti: "Urukundo rw'ibanga hagati ya Minisitiri Musoni Protas na Meya Kirabo Kakira; mwadusabye kugeza ku nama nkuru y'itangazamakuru ibisobanuro byuzuye by'yo nkuru, cyane cyane twibanda mu gutanga ibisobanuro ku kirego cye mwatoherereje kumugereka.

Bwana Perezida w'inama y'ubutegetsi ya MHC, tubabaje no kubamenyesha ko iki kirego cya Minisitiri Musoni Protas, kiri m'ubugenzyaha bwa Republiko y'u Rwanda, bukaba bwaraduhumaje kuwa 04 Ukuza 2009, ndetse no kuwa 09 Ukuza 2009. Ubugenzyaha nabwo bukaba bwaratubajije ibibazo biftfe aho bilihire n'ibyo mutubaza, ariko, dushingiye ku ngingo ya 20 y'itegeko, No 22/2009, ryo kuwa 12 Kanama 2009, rigenga umwuga w'itangazamakuru, tukaba tutarahaye ubugenzyaha ibisobuzo kuri bimwe mu bibazo bwatubazaga, biftanye isano n'ibyanyu, mutubaza mushingiye ku kirego cya Minisitiri Musoni Protas.

Kubera iyo mpamvu, kugirango tutabangamira imigendekere myiza y'urubanza rushinge kur'iyi nkuru, tenejejwe no kubamenyesha ko ibisobanuro mudusaba, mwareka, biramute bibaye ngomba, tukazabintanga m'urukiko, cyane cyane ko, dushingiye ku ngingo ya 90 y'itegeko twavuze haruguru, tunashingeje ko Min. Musoni abasaba ko mwadufatira ibihano n'ingamba bitemeganyo n'amategeko mugile bigaragaye ko tufadite gihanya, icyo mwakora cyose mwagikoro nyuma y'imikirize y'u rubanza.



Avenue de la Nyabugogo B.P 4353, Tel: (250) 0788691253, 0788354880, 0788671930 E-mail: umuseso@yahoo.co



Didas M. Gasana

PS Imberakuri mu nzira ya MDR

Nyuma yo gutumizwa na Komisiyo ishinzwe Politiki muri Senat, ku wa 14 Ukuza 2009, nk'uko bikubiye mu ibarwa n° 1404/Clerk/SEN/ AA/ MC/2009 yo ku wa 07 Ukuza 2009, itangazo dukesha ubuyobozi bw'ishyaka rya opozisiyo PS Imberakuri, No 007/P.S. IMB/ 09, rigenewe abanyamakuru, rigaragaza impungenge iyo shyaka rifite, ko ryaba ryerekeza mu nzira y'ishyaka rya MDR.

Nkuko tubikesha iyo tangazo, Ishyaka P.S. Imberakuri rirashinjwa na Sénat ingengabitekerezo ya jenoside, amacakubiri; guhungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda, gutesha agaciro Inkiko Gacaca no gutesha agaciro icyemezo cya Leta kijyanye n'icibwa ry'Igifaransa mu Rwanda nk'uko bikubiye mu myanzuro yakozwe na Sénat igaragaza imiterere y'ibyo byaha. Nyuma yo gushyikirizwa no gusoma iyo myanzuro yakemanze cyane n'ubuyobozi bw'ishyaka P.S. Imberakuri ku bijyanye n'imisusire (forme) yayo, cyane cyane ko iterekana neza imikono y'abayiteguye ndetse nta naho bigaragara ko yateguve na Sénat; Ubuyobozi bw'ishyaka P.S. Imberakuri bwasanze ibikubiye muri iyo myanzuro

bitahabwa agaciro. Ubuyobozi bw'ishyaka P.S. Imberakuri bwasanze budashobora kwiregura ku birego bwumvise ako kanya kandi byinshi nk'uko bikubiye muri iyo myanzuro igizwe na paji hafi icumi cyane cyane ko ibyaha bukurikiranyeho ari ibyaha by'indengakamere. Ibi kandi bikaba ari uburenganzira bwabwo ntahinyuzwa bwo kwiregura. Ubuyobozi bw'ishyaka P.S. Imberakuri buranenga cyane imyifatire y'abagize Komisiyo Politiki ya Sénat batashatse guha agaciro icyifuzo cy'ishyaka P.S. Imberakuri, ahubwo bakuhitura kubwambura imyanzuro ikubiyemo ibirego bushinjwa kandi ariyo ubu buyobozi bugomba guheraho mu kwiregura. Ibi bikaba bibangamiye uburenganzira bwo kwiregura nk'uko buteganywa n'itegeko Nshinga ndetse n'Amategeko mpuzamahanga u Rwanda rwashyizhe umukono. Iyo tangazo rikomeza rigira riti: "Ubuyobozi bw'ishyaka P.S. Imberakuri buhangayikishijwe cyane n'iyi migambi mibisha ikomeje gukorwa n'ubutegetsi bwa Kigali buyobowe na moteri FPR kuko uru rugendo rwatangiwe na



Arashaka kumubamba?
Biruta Vincent (Photo/ Archives)



Ni intangiriro, nibindi bizaza?
Bernard Ntaganda (Photo/ Archives)

Bitabaye ibyo, amateka ubwayo afite uko azabibaza iri shyaka bigaragara ko rikomeje gutsindwa ikizamini cya demokarasi. Ishyaka P.S. Imberakuri rikaba risaba ibihugu byose by'insuti z'u Rwanda; Imiryango itegamiye kuri Leta muri rusange n'Imberakuri ku bw'umwihariko gutabariza Ishyaka P.S. Imberakuri kuko rigeze aharenga rirengana.

DMG

ISESENGURA


Kimwe mu bintu bikomeye gituma abantu batizerana, ni ughemukirana. Mu buzima birasanzwe ko umuntu akenera undi, ariko iyo hagati y'abantu batabayemo ukuri, icyizere kirabura abantu bagatangira kutizerana bikazavamo no guhemukirana.

Mu gihugu cy'u Rwanda icyizere hagati y'abantu n'abandi cyakomeje kubura, kugera ubwo abantu bagambanirana bigeza ku bwicanyi no kuri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Ubumwe n'ubwiyunge nyuma ya jenoside byagombye kumvikana nk'imigenzereze myiza y'abaturge bemera ko basangiye ighugu, umuco n'uburenganzira bungana burangwa n'ubwizerane, ubworoherane, ubwubahane, uburinganire imbere y'amategeko, ubwuzuzanye, no komorana ibikomere batewe n'amateka mabi baciemo. Ariko ibyo byose byashoboka ari uko abantu bicaye hamwe bakavuga ibyo bapfa, uwahemutse agasaba imabazi uwo yahemukiye bimuvuye ku mutima bagasabana imbabazi.

Nyuma yo gusoza icyumweru cyiswe icy'ubumwe n'ubwiyunge, Komisiyo y'Ighugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda yakoresheje inama ku rwego rw'ighugu, hagamijwe kwerekana aho ubwo bumwe n'ubwiyunge bugeze, ariko inzitizi ziracyari nyinshi. Imiyoborere mibi yaranze amateka y'u Rwanda mu bihe bitandukanye yimakaje amacakubiri ashingiye ku bikorwa bitandukanye by'ihezwa, irondabwoko n'irondakarere, akazu n'icyenewabo. Ibi byagize ingaruka ku mibanire y'Abanyarwanda kugeza nubu. Nk'uko muri iyo nama yo ku wa 9/12/2009 yabereye muri Hoteli Serena yabigaragaje, ngo ubwizerane bw'Abanyarwanda bwavuye ku gipimo cya 43% bugera kuri 65%. Gusa ngo ibikorwa by'abantu ku giti cyabo ntibiraba byinshi hagati y'abishe n'abiciwe. Ku byerekeranye no gukorana mu mirimo ihuza abantu, ngo biri ku gipimo cya 58%. Ibikorwa by'amakoperative, ubudehe, HIMO, umuganda..., ngo bifite inyungu mu kunoza imibanire y'Abanyarwanda. Iri janishary'ikizerane, Despite Rwanda Pierre yavuze ko aho ryavuye hadasobanute, akaba yarifuje ko hagaragazwa ababajije.

Icyakora ngo ababyeyi bamwe baracyatoza abana babo ingengabitekerezo ya jenoside; Abakoze jenoside benshi banze kwemera icyaha ntibagaragaza n'ukuri. Ibi byatumye aho abazize jenoside bashyizwe

Kutizerana nk'inzitizi ikomeye ku bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda



Yizera Bazivamo abwira? Perezida Kagame (Photo/ Archives)

hatamenyekana ngo nabo bashyingurwe mu cyubahiro. Hari ibibazo mu irangizwa ry'imanza z'imitingo muri gacaca n'ikibazo cy'indishyi kitarafatirwa umwanzuro. Bensi mu bacitse ku icumu baracyariho nabi mu rwego rw'imbereho. Gacaca igitangira abantu bari bayifitemo icyizere, ariko aho gushinjanya bitangiriye, icyizere cyaramanutse. Ibi bikaba byavanwaho no gushyigikira ubumwetawo ugamije kwhorera. Ambasaderi Mussie Hailu, umushyitsi w'umunyamahanga watanze ikiganiro muri iyo nama, akaba yaravuze ko urufungozo rw'ubumwe n'ubwiyunge rwashingira ku miyoborere myiza, kwiunga bikazanwa no kwhanganirana bigatanga amahoro arambye. Akaba yarasabye ko hakubakwa umunyarwanda mushya, ruswa ikarwanywa, abantu bareba ahazaza, hakabaho no gutera umwete abagore n'abakobwa gusabana imbabazi mu rukundo.

Dr Roelof Haveman watanze ikiganiro ku bikorwa by'ubutabera gacaca, yavuze ko kureba ibyo gacaca yagezecho bisaba impuguke. Ubwiyunge wa gacaca ngo ntibufite igihe kirambye. Ibi ngo birasaba kumenya umwanya abacitse ku icumu bafite mu gihugu n'abaciriwe imanza? Uhagarariye inyungu z'abacitse ku icumu, Simburudari Théodore, yagaragaje ko mu bahuguwe benshi Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge ivuga, atabonamo amahugurway'abacitse ku icumu. Yakomeje kubaza icyo benshi bibaza cyaburiwe igisubizo ati: "ni nde wiunga

na nde"? Yagaragaje ko mu gihe ikibazo cy'indishyi kitarabwaho kandi imanza za jenoside zigiye kurangira, ari inzitizi ikomeye ku bumwe n'ubwiyunge. Mukayisenga Françoise nawe yashimangiye ko ubutabera nyabwo n'ubwizerane bujyana n'indishyi. Yasabye ko imitungo y'abayobozi baciriwe imanza Arusha yafatwa ikazishyurwa abacitse ku icumu.

Icyo umuntu yakongeraho hano, ni uko na Leta(Guverinoma), kutagaragaza uruhare rwayo mu kuzatanga indishyi muri izi manza ari inzitizi ikomeye ku bumwe n'ubwiyunge. Ibi bikaba ari nko guteranya abacitse ku icumu n'abakoze jenoside bahindutse abakene kubera kwishyura mu manza z'imitingo.

Padiri Niyibizi Déogratias yavuze ko kutavuga umutwa, ariko tukavuga jenoside yakorewe abatutsi, twagera ku batwa tukavuga ko ari abasigajwe inyuma n'amateka, ariko ikibazo ku bumwe n'ubwiyunge. Senateri Sebiswi yagaragaje ko abantu bakwiye kuva ku nyito, ahubwo bakareba igikorerwa umuntu ngo atere imbere, kuko iyo uvuze abasigajwe inyuma n'amateka haza abantu benshi batamerewe neza, bityo bigatuma aba ngombwa bazwi bibagirana. Muri iyo nama hanavuzwe ko hashyirwa ingufu mu kubwira Leta ya Kenya gukora ibikwiye ntikomeze guhishira abakoze jenoside.

Imyanzuro yavuye mu nama ntizaba nk'iyindi yose ihera mu tubati?

Nyuma yo kungurana ibitekerezo

Arizera ibyo amubwira? Min. Bazivamo (Photo/ Archives)

ku biganiro n'ubuhanya, abari mu nama bafashe imyanzuro ikurikira:

Bashimye intambwe imaze gutterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge, ibikorwa bya komisiyo y'ubwiyunge n'urwego rw'Ighugu rushinzwe inkiko gacaca; Kuzirikana uruhare rw'ingabo z'u Rwanda mu kubungabungau mu tekanowoshingiro ry'ubumwe n'ubwiyunge;

Ubwizerane bukwiye gushigira ku bipimo by'ibikorwa by'imbanire myiza bari mu gihugu hose byakuzuzwa n'izindinzira z'ubushakashatsi zisanzwe;

Abacitse ku icumu bafite ibikomere bitandukanye bazarikanwe mu mahugurwayogukemura amakimbirane, Komisiyo y'Ighugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ibakorere ubuvugizi kandi ikibazo cy'indishyi gishakirwe igisubizo kugira ngo ubutabera bubakorerwa bwuzure;

Imitungo y'abateguye jenoside baciriwe imanza ikwiriye gefatirwa kugira ngo imanza z'abaregera indishyi zishobore kurangizwa bitagoranye;

Inzego zibishinzwe

zigaragaze imibare y'abacitse ku icumu rya jenoside yafashijwe muri gahunda zitandukanye za Leta, abashoboye kwifasha bamenyekane, abatishoboye nabo bamenyekane kandi bitabweho;

Hitabwe ku bikorerwa abo "amateka agaragaza ko basigaye inyuma", aho kwita ku nyito, kuko ntacyo inyito ubwayo ibamariye, ahubwo bashyigikirwe mu bikorwa by'iterambere;

H a f a t w e i n g a m b a zifatika zo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside ikivugwa mu muryango munyarwanda kukoibangamiye ubumwe n'ubwiyunge, bikaba intandaro y'ubwizerane buke;

Nyuma y'isoza ry'imrimo y'inkiko gacaca, A b a n y a r w a n d a bazagezweho raporo ihinnye y'ibikorwa b y a g e z w e h o ikwirakwizwe mu gihugu hose;

Hashyirweho ubundi buryo bwo kwirega no kuvuga ukuri nyuma y'isoza ry'imrimo y'inkiko gacaca, kuko kwirega mu butabera busanzwe bitoroshye;

Komisiyo y'Ighugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge isakaze film ku bumwe n'ubwiyunge yagaragajwe kandi ishakishirizwe umwanya kuri TVR;

Inzego za Leta zizegerezimiryango y'abana bibana bacitse ku icumu mu minsi mikuru y'impera z'umwaka kugira ngo nabo bazishimane n'abandi;

Twubake ku kubana mu mahoro dushyira imbere ubunyarwanda b i z a t u g e z a k u bumwe, ubwiyunge n'ubwizerane;

Amadini ashishikarizwe kurushaho kugira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge;

G u s h i s h i k a r i z a A b a n y a r w a n d a b o muri Diaspora gusura u Rwanda no kubagezaho amakuru ku Rwanda mu nzira zitandukanye zishoboka.

Byakiriwe na Habuhazi Innocent

Nyuma y'emyaka itatu (2006-2009) u Rwanda n'u Bufaransa bicanye umubano, ubu noneho ibihugu byombi byiyemeje kuwusubukura ku buryo mu minsi ya vuba abazahagararira ibihugu byombi bazaba bageze mu myanya yabo, i Kigali n' Paris.

Iyo utekereje uburyo Abafaransa bahawwe amasaha 48 kugira ngo bave ku butaka bw'u Rwanda, ukibuka n'impamu yatumye bahambirizwa shishi itabona, ukitegerezza politiki ya Perezida Kagame muri iki gihe, uhita wibaza ibibazo byinshi ariko harimo bibiri by'ingenzi: Abafaransa bagaruwe n'iki? Bagaruwe nande? Abafaransa bagarutse kubera inyungu z'ubukungu na politiki, bagarutse Kagame atabashaka, ariko baragarutse. Bagaruwe na Perezida Nicolas Sarkozy. Kugira ngo abantu Leta ya Kigali idashaka bemererwe kugaruka, byanyuze mu nzira ndende irimo ubutekenisiye buhambaye. Ikinyamakuru Umuseso cyagerageje kubicukumbura. Nibyo koko nkuko abategetsi b'u Rwanda babivuga, Abafaransa nibo bakoze ibishoboka kugira ngo bagaruke, ariko ikitavugwa cyangwa se ikitazwi na benshi, ni uburyo byakozwe. Ntabwo Abafaransa bigeze basaba imbabazi, nta nubwo bigeze binginga Leta ya Kigali. Byatekenitswe gute rero? Kugira ngo twumve neza iby'u Rwanda n'u Bufaransa, ni byiza kwibutsa abasomyi uruhererekane (Chronologie) rw'amatariki nyamukuru yaranze iyi myaka itatu kuva abafaransa basezerewe kugeza ejobundi bongera guhabwa ikaze.

Amateka yo gucana umubano

Hari ku itariki 24 Ugushyingo 2006, ubwo Leta y'u Rwanda yafataga icyemezo cyo guca umubano n'igihugu cy'u Bufaransa biturutse ku mpapuro zo guta muri yombi (mandats d'arrêt/arrest warrants) bamwe mu bategetsi b'u Rwanda barimo na Perezida Kagame n'abasirikare bakuru bageze ku 9. Izo mpapuro zari zatanzwe n'umucamanza w'u Bufaransa "Jean Louis Bruguière (ubu yasezeye akazi). Yabashinjaga ihanurwa ry'indege y'uwaheze ari Perezida Juvenal Habyarimana. Yanabashinjaga ibyaha byo mu ntambara ndetse n'itsembabwoko. Abafaransa bahawwe amasaha 48 bazinga utwangushye basubira iwabo, uwari uhagarariye u Rwanda i Paris nawe ahmagazwa igitaraganya agaruka i Kigali, inyungu z'ibihugu byombi zasigaye zicunze n'abo zasigiwe. Inyungu z'u Rwanda mu Bufaransa zasigaye zicunze na Ambassade y'u Burundi i Paris, naho inyungu z'u Bufaransa mu Rwanda zasigaye zicunze na Ambassade y'u Bubiligi i Kigali. Iyo yari "raound" ya mbere. Ku itariki ya 14 Ukwakira 2008 Leta y'u Rwanda yemeje ko icyongerezza kigomba kuba ari rwo rurimi ruzajya rukoreshwa mu kazi ka Leta no mu myigirey'Abanyeshuri kuba mu mashuri abanza kugeza muri Kaminiwa.

Ku itariki ya 17-19 Ukwakira 2008 u Rwanda rwohereje intumwa ziruhagararira mu nama y'umuryango w'ibihugu bihuriye ku rurimi rw'igifaransa byiganjemo ibihugu byahoze bikorenijwe n'igihugu cy'u Bufaransa (OIF) organasation

Rwanda-France: Amayobera n'amabanga yihihe inyuma y'umubano mushya

ISESENGURA

mushinga wa Sarkozy, dore uko Abafaransa babona ibuntu. Iribazo cya FDLR bagira bat : « inyeshamba z'abahutu (aya magambo niko bo bayakoresha), ni kimwe mu bigize ibibazo, ariko si ibibazo cyose! Ku birebana n'u Rwanda Abafaransa ngo bahangaykishijwe nuko Abanyarwanda mu myaka 10, bazaba bageze kuri miriyoni 20, kandi badafite ibitatunga bihagije (ubutaka buto). Abafaransa bavuga ko nkuko bigeze kubigenza hagati yabo n'u Budage mu myaka ya za 1950, ngo u Rwanda na Congo bagomba gushaka uko bashyiraho akarere bahuriyeho k'ubukungu (espace économique commun); batanga urugero bavuga ko u Rwanda na Kongo ko bajya bagurana bamwe bagatanga umuriro w'amashanyarazi, nabo bagahabwa amabuye y'agaciro. Umushinga wo gushyiraho inganda n'amasosiyete arebana n'ibyo bibazo byose, bimaze igihe bitegurirwa i Paris. Ku birebana na Kongo, abafaransa bavuga ko hagomba gushakwa uburyo bwose bwo guhagarika isahurwa ry'amabuye y'agaciro muri Kivu zombi. Mu gihe Abafaransa bateguraga uyu mushinga (baracyakomeza), bavuze ko kugira ngo byose bitungane, ari ngombwa ko hagati ya Kongo n'u Rwanda, haboneka umubano uzira amakemwa kandi urambye. Mu gusoza kuri uyu mushinga wa Sarkozy, hari ikintu gitangaje (kuri bamwe); nubwo Bruno Joubert, ushinzwe ibibazo by'Afurika muri perezidansi y'u Bufaransa yabivuganyeho na Kabila ndetse n'abategetsi b'u Rwanda bakaba barabanje gushyiraho icyumvirizo, ntawigeze amenyeshwa ku mugaragaro imiterere ya gahunda z'umushinga wa Sarkozy mbere yuko ugera ku musozo. Ikiwi, ni uko Abongereza bawumenye mbere kandi ngo bakawemera. Mu ntangiriro Kongo n'u Rwanda, ibihugu byombi byari byarakaye ku buryo uhagarariye u Bufaransa i Kinshasa Pierre Jocquemet yagombye kwitaba muri minisiteri y'ububanyi n' amahanga, kugira ngo atange ibisobanuro. Uwahoze ari intumwa ya Perezida Kagame mu karere k'ibiyaga bigari Joseph Mutaboba nawe yigize kuvuga ko atungewe, kandi ababajwe n'imvugo ya Sarkozy mu mushinga we kubirebana n'u Rwanda. Yagize ati : "mu gihe twambi (Rwanda -Kongo) turimo gufatanya kurandura umwanzi, urya mushinga, ni ibigambo byo kuyobia uburari (Diversion). Ubu aho tuvugira aha, Mutaboba yasezerewe mu karere k'ibiyaga bigari kuko nta kazi akihafite, Kongo nayo yafunguye ambassade yayo i Kigali, wa mubano uzira amakemwa abafaransa bifuje uba ugezweho ku itariki ya 09 Ukuvoza 2009. Inama y'abamisitiri ya Leta y'u Bufaransa yemeje uzahagararira u Bufaransa mu Rwanda. Mu minsi ya vuba, izina rye rizaba ryamenekanye kuko ryabanje kugirwa ibanga. Ni nde uhakana ubutekenisiye bwa Sarkozy?

Imiterere ya gahunda z'umushinga Sarkozy

Sarkozy yashiyizeho ikipe ebyeri zikorera hamwe; imwe igizwe n'abakozi baturutse muri Elysée (Perezidansi y'u Bufaransa) abandi baturutse ahitia "Quai d'ossay" (Minisiteri y'ububanyi n' amahanga). Abo batekenisiye bamaze guhurizwa hamwe, bagabanyijwemo amatsinda ashizwe ibi bikurikira : amabuye y'agaciro, ubuhinzi, ingufu (énergie) na FDLR!!! Muri uyu



Nta mwanzi uhoraho...nta nshuti ihoraho: Kagame (Photo/ Archives)



Politiki nuko imera: Nicholas Sarkozy (Photo/ Archives)

ry'uu muhano. Ahubwo uruzinduko rw'umunyamabanga mukuru Secrétaire Général muri Perezidansi y'u Bufaransa Claude Guéant aherutse kugirira mu Rwanda, umuntu yavuga ko ari wo wapfundikiraga ubutumwa bwa nyuma abafaransa bahaga u Rwanda kuko wahuriranye no gusubukura umubano ibyabaye byose ni mu ibanga kandi urufungozo rubitse i Paris.


Umutekenisiye witwa Nicolas Sarkozy

Mu ntangiriro z'uu mwaka ku itariki ya 16 Mutarama 2009, ubwo Perezida w'u Bufaransa yabonanaga n'abahagarariye ibihugu byabo mu Bufaransa mu rwego rwo kwifurizanya umwaka mwiza. Mu ijambu yavuze uwo munsi, Sarkozy yabaye nkuba amarenga, agaragaza gahunda n'igitekerezo cya politiki ateganya mu karere k'ibiyaga bigari. Ku birebana n'aka karere, yavuze ijambu rikomeye mu rurimi rwe yagize ati : "il faut trouver une nouvelle approche afin de régler de façon global des problèmes de fond auxquels l'option militaire n'apportera aucune solution." Tugenekereje mu kinyarwanda, ni ukuvuga ngo ni ngombwa gushaka uburyo bushya bwo kurangiza ibibazo nyirizina mu buryo bwagutse bidashobora gukemurwa n'ingufu za gisirikare. Yakomeje agira ati : « iki cyifuzo kirareba u Rwanda nk'igihugu gito kandi gifite ubwiyongere bwihuta bw'umubare w'abaturage, kikanarabe Republikira iharanira demokarasi ya Congo nk'igihugu kinini kandi gifite imicungire y'ubukungu idasobanutse ku mbibi zacyo. Iyo Disikuru ya Sarkozy nkuko turi buze kubibona, niyo musingi (Fondation) wo kuba Ambassade y'u

ISESENGURA

Rwanda-France:

BIKURIKIRA URUP 7)



Uramenye ntukizere n'igicucu cyawe

kubeshya abanyarwanda ndetse nayo ubwayo itiretse! Aho igihe kigeze ubu, amakosa yayo twese ashobora kutubera amasomo cyane cyane ku bifusa gukora politiki. Ibyo umuntu yavuga ni byinshi ariko dushobora guhera ku ngero zihita zumvikana vuba. Duhere ku isubukurwa ry'umubano hagati y'u Rwanda n'u Bufaransa. Uretse kuba Madamu Rose Kabuye atagikurikiranwa n'inkiko (ubucamanza) zo mu Bufaransa, bikaba ari ikintu abanyarwanda dukwiye kwishimira, ubundi impamvu zatumye ibihugu byombi bicana umubano ziracyahari nkuko n'abategetsi b'u Rwanda babyiyemerera. Iyo hakorwa itangazo ryumvisha isi yose ko manda z'ubucamanza bw'u Bufaransa zo gufata bamwe mu bategetsi b'u Rwanda zikuweho burundi, iyo nicyo gisobanuro cyari kuba gihagije ku banyarwanda kuko impamvu nyirabayazana yo gucana umubano yari kuba ikuweho. Nubwo nabyo igihe kizagera bigashoboka, ariko kugeza ubu siko bimeze. Iki rero ni ikinyoma gikomeye; kubeshya abanyagihugu mu nyungu z'ishyaka kugira ngo rigume kubutegetsi. Ibyo byari ukubeshya kwa FPR. Reka turebe uburyo nayo yibeshye kandi igikomeza kwibeshya. Gucana umubano n'igihugu cy'u Bufaransa FPR yagendeye ku marangamutima yayo nk'ishyaka yibagirwa "logique" yo kuba uwo mubano urimo inyunguz'abanyarwandabenshi n'abafaransa barenga miriyoni mirongo itandatu n'enye, none nyungu z'ibihugu kuko zisumba kure iz'amashyaka, abafaransa bagarutse impamvu zose zatumye birukanwa zigihari. Iri ni isomo ku bifusa kwinjira no gukora politiki. Ni ngombwa gusobanukirwa

n'Abanyamerika bigarurira akarere, bitumye u Bufaransa bugiye kuhashinga ibirindiro

Ntuzizere n'igicucu cyawe
Iyo umunyarwanda ashatse kukubwira ko kugira amakenga (kutizera icyo ari cyo cyose) agira ntuzizere n'igicucu cyawe; ku bantu bajya basoma inkuru zishushanyije "BD" (Bande dessinée) bazi umusore witwa "Lucy Luke." Uwo musore iyo bamushushanya bamwerkana arasa isasu ryagiye kare, ariko igicucu eye aribwo kikijya gufata imbunda. Birazwi ko ubusanze igicucu gikora cyangwa se gifata ishusho ya nyiracyo. Mu gihe uzahagararira igihugu cy'u Bufaransa mu Rwanda yamaze kwemezwa ariko izina rikabanza kugirwa ibanga, umuntu yakwibaza ishusho y'woo mubano ugiye kuranga ibihugu byombi. Mu gihe u Bufaransa bugarutse bwiruka amasigamana, u Bufaransa buzi ko busubiye aho bwahoze, bubisikanye n'u Rwanda narwo rwuhanya rugana muri "Common Wealth" (umuryango w'ibihugu bikoresha uririmri rw'icyongerza). Uyu mubano mushya w'u Rwanda n'u Bufaransa, umuntu yawugereranya n'abantu babiri bateranye umugongo ariko ibicucu byabo bikabeshya abantu ko barimo kuramukanya kandi bigahishura agakoresho buri wese yahishe undi!

Icyitonderwa: "Icyo gishushanyo ni igisobanura kutizera n'igicucu cyawe bijyanye n'iyi nyandiko. Ntaho gihuriye n'abantu bazwi.

Straton Sinamenye



APPEL A CANDIDATURE EXTERNE GESTIONNAIRE DE PROJETS SECTEUR INFRASTRUCTURES

Bilingue (Français/Anglais)

Référence 24328

Statut : Agent Local de niveau I
Dénomination du poste: Chargé de programmes/projets
Lieu de travail : Délégation de l'Union Européenne au Rwanda,
Section Infrastructures Affectation: Kigali
Durée du contrat : Contrat à durée indéterminée, avec une période d'essai de trois mois.

Fonctions et responsabilités

Sous la responsabilité du Chef de Section de la Délégation en charge des Infrastructures, et en collaboration avec les autres agents de la Section, l'agent contribuera à la préparation, à la mise en œuvre et au contrôle des projets convenus entre la Commission et le gouvernement rwandais dans le domaine des Infrastructures. En collaboration avec la Section Contrats/Finances, l'agent assistera aux tâches de liquidation des paiements relatifs au secteur. L'agent sera amené à collaborer avec des agents d'autres sections pour certaines activités liées. L'agent participera à des réunions de chantier, de concertation et de coordination avec les acteurs du secteur (entreprises, bureaux d'études, administrations).

Études et formation

Niveau universitaire en ingénierie (génie civil de préférence), minimum BAC+3 ou A1, sanctionné par un diplôme reconnu.

Expérience et connaissances

Au moins 3 ans d'expérience générale dans le domaine des Infrastructures. Expérience spécifique d'étude ou de contrôle de travaux en matière de chantiers dans un des domaines suivants : routes, piste et/ou ouvrages d'art; alimentation en eau potable; bâtiments, constructions publiques. Une expérience de la gestion technique et financière de projets, des procédures de passation de marchés publics, une connaissance des procédures du Fonds Européen de Développement, dans une Délégation de l'Union européenne ou dans des projets financés par la Commission Européenne constituent un avantage.

Aptitudes

Aptitude à communiquer de manière claire et précise. Bonnes capacités d'analyse et d'identification des priorités. - Parfaite maîtrise du français ou de l'anglais et une bonne connaissance de l'autre langue sont indispensables.

- Capacités de travail sous stress et esprit de travail en équipe, ainsi que rigueur et sens de l'organisation sont indispensables.

Aptitude à réaliser des missions sur le terrain et disponibilité pour horaire flexible. Esprit d'initiative, autonomie, sens des responsabilités et du travail en équipe, discrétion, rigueur, déontologie sont des qualités indispensables pour le présent poste.

Une maîtrise des outils informatiques conventionnels est requise.

**DATE LIMITE POUR L'INTRODUCTION DES CANDIDATURES:
LUNDI 11 janvier 2010 à 16:00 heures**


(le cachet de la poste ou de la Délégation faisant foi)

Veuillez adresser votre lettre de motivation, curriculum vitae actualisé et copie des diplômes/attestations/lettres de référence sous pli fermé à l'adresse suivante: Délégation de l'Union Européenne au Rwanda, à l'attention du Chef d'Administration, 1807 boulevard de l'Umuganda, B.P. 515 KIGALI

**THE BOARD OF DIRECTORS,
MANAGEMENT DIRECTOR AND THE
ENTIRE STAFF
OF
"COMPAGNIE GENERALE D'ASSURANCES
ET DE REASSURANCE"
(COGEAR S.A.)**

**WISH HIS EXCELLENCY PRESIDENT PAUL KAGAME AND HIS FAMILY
MEMBERS OF PARLIAMENT (SENATE&CHAMBER OF DEPUTIES), CABINET
MINISTERS, SUPREME COURT, RWANDA DEFENSE FORCES, THE NATIONAL
POLICE AND ALL RWANDANS,**

A MERRY CHRISMAS & A PROSPEROUS NEW YEAR 2010



**Rwanda MCC Threshold Program
MEDIA STRENGTHENING PROJECT**

TECHNOLOGY INCENTIVE GRANT

Call for Applications

The manner in which information is gathered, produced and distributed has undergone dramatic changes over the last decade. Internet, mobile technology, digital recording and editing have created a myriad of new opportunities to expand news coverage and link even the most remote communities. Whereas traditional media were lengthy, costly to operate and limited in reach, new communication technologies have made news production and dissemination a much less expensive and more democratic process.

These technologies could bring cost-effective solutions to Africa, where media development is facing the challenge of becoming sustainable. An adaptive media outlet could use a combination of mobile phone (one of the fastest growing industries in developing countries), video and internet technology for news gathering and transmission. SMS, for instance, can be used to relay news to subscribers, for citizen reporting or to send ads from sponsors. Internet can be used to gather news through blogs and e-mail and to distribute news items in a variety of formats – text, podcast, photo, video – assembled on a news website. A multimedia site can be used to reach a vast public, including diaspora, and to attract advertisers.

These are just a few examples of new avenues that could be explored.

IREX has created a **Technology Incentive Grant** to foster innovation in the use of communication technologies for news gathering, production and/or distribution. Our goal is to help innovative media outlets pilot creative use of new technologies to disseminate information.

In Rwanda, IREX will award Technology Incentive Grants as part of the Rwanda MCC Threshold Program | MEDIA STRENGTHENING PROJECT that it is implementing. These small grants will be awarded to individuals or companies that present the best projects to improve the capacity of local media to deliver and/or gather news and information through **new and sustainable technologies**.

How to Apply

To apply, candidates must fulfill the following conditions:

1. Be a registered media outlet or individual working in media

2. Provide a detailed proposal with:

- Objective
- Expected results from use of the technology
- Plan for implementation
- Resources needed
- Sustainability
- Detailed budget

Proposals will be evaluated by a selection committee and judged on the following criteria:

- Creativity (25%)
- Impact (25%)
- Sustainability (25%)
- Implementation plan (25%)

Applications can be received at technology@irexrwanda.org until January 17, 2010.

Proposals submitted after that date will be reviewed at Rwanda MCC Threshold Program | MEDIA STRENGTHENING PROJECT's discretion and only to ensure a competitive procurement.

The highest-ranking candidate(s) may be called to present their project in person at Rwanda MCC Threshold Program | MEDIA STRENGTHENING PROJECT's office in Kigali. Only selected candidates will be contacted.

If oral presentations are requested, the results of that presentation will form an additional criterion for final selection.

IREX anticipates awarding one or more grants under the technology incentive grants program, depending on the quality of the proposals put forward. The suggested award amount is \$5,000. The award ceiling is \$10,000.

ISESENGURA

Muri uru Rwanda rwa Kanyarwanda, hari gahunda nyinshi zigerewa abaturage, ariko itangazamakuru ryajya kureba niba ibyo bintu byarabagezeho bagasanga byaritwariwe n'abayobozi, ariko bagera mu Mihigo bakavuga ko ibantu bigenda neza. Kimwe mu bimaze iminsi bivugwa ko byazamuye abakene, ni gahunda ya Giringa yatangijwe na Perezida Paul Kagame.

Icyaje kugaragara ni uko ahensi izo nka zahawe abayobozi n'abifite gusa kandi zari zaragnewe abakene batishoboye. Umunyarwanda yaciye umugani ngo; umutego wanga ikinyoma ushibuka nyirawo agihari. Undi nawe yavuze ko ikinyoma kidahora ku ntete iteka, bityo umuntu akaba ashobora kubeshya abantu igihe kinini, ariko akaba atabikora igihe cyose.

Inama y'Umushyikirano Perezida wa Republiko agirana n'abayobozi banyuranye yagaragaje ko abayobozi bikubira bakaberwa no kubyambarira, kandi bakaba ari ba tereriyo bategera abaturage kuko batabakunda.

Afungura iyo nama yabaye ku wa 11-12/12/2009 mu Nteko Ishingamategeko, Perezida Paul Kagame yavuze ko uko umwaka ushize ariko hakemurwa ibibazo, ariko haza undi ukazana ibindi bibazo bishya bigomba gukemurwa.

Yagaragaje ko uko u Rwanda rwabaye abambere muri reforme, ariko dukwiye no kuba aba mbere mu kubyuhiriza. Ibantu ngo bigenda neza iyo abayobozi batekereje Abanyarwanda mbere yo kwitekereza no kwigwizaho. Aho bitagenze neza, ngo nibo biyitayeho. Yasabye abayobozi bari muri iyo nama kuvuga ibantu uko biri badashakisha.

Ministre w'Intebi yavuze ko corruption bayitangatanze hakabaho no guhana, ariko ibyagaragajwe muri iyo nama birerekana ko bigikabije.


Imanza za ruswa 404 uhereye mu kwezi kwa mbere 2009, hakaba n'amadosiye yandi 726 akurikiranwa.

Ngo kurigisa umutungo w'ighugu bigomba gucika, ariko se biri ku kihe gipimo bigabanuka ko tubona bihora bikorwa. Umurenge SACCO ngo urimo abantu bagera ku bihumbi 600, bakaba bamaze no kubitsa amafaranga agera kuri miriyari 2, ariko ubwo Abadepite n'Abasenateri bahabwaga Rapor na Minisitiri w'Intebi ku byerekeranye na rapor y'Umugenzi Mukuru w'imari ya Leta, hagaragajwe ko hari miriyoni 600 zaburiwe irengero.

Minisitiri w'Intebi yavuze ko gutura mu midugudu biri kuri 28% bivuye kuri 22%. Ibyumba by'amashuri by'inongera byagombaga kubakwa na miriyari 9, ngo abaturage bashyizeho iby'iki? Nta gisubizo yabonye uretse

Gira inka mukene w'umunyarwanda yabaye gira inka muyobozi

► *Amanyanga n'udutendo twagaragajwe na Tito Rutaremama*



Mwokagira Imana mwe! Perezida Kagame (Photo/ Archives)



Akari imurori: Rutaremama Tito (Photo/ Archives)

akabo mu bikorwa by'amaboko ku buryo bizatwara miriyari 32 gusa.

Mu kungurana ibitekerezo, hagaragajwe ko serivisi zitangwa neza mu gihugu, maze Paul Kagame abaza abo bayobozi ati: "twafashe ingamba, ariko sindasobanukirwa impamvu bidashirwa mu bikorwa". Aha umuntu akaba atabura kwibaza niba atari ukumupinga, iyo bakora ibinyuranye n'ibyo ashaka? Ikibazo cyagaragajwe cyane ni uburyo isuri itarwanywa ku buryo buhagije kandi amafaranga atabuze. Muri iyo nama, bamwe bakoze uko bashoboye ngo bamubeshe ko muri MINAGRI no mu zindi nzego za Leta hari ibyihutirwa byashyizwe imbere bikabangamira izo gahunda, ariko arabatsembera.

Senateri Karemra yavuze ko TIG yagombaga kubikora hakabura amafaranga. Yagaragaje ko mu bagombye gukora icyo gihano nsimburagifungo, ubu hicaye ibihumbi 37 badakora. Uturere ngo tuvuga ko nta mafaranga dufite.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa TIG amwungiye, yagaragaje ko imbare Karemra avuze ari mike, ko ahubwo ari abantu basaga bihumbi 90. MINAGRI ngo ivuga ko nta mafaranga ifite, kandi ibahaye n'ibishanga bakiingiramo ibibatunga bakora iyo mirimo nsimburagifungo batunganya ubutaka. Paul Kagame ati: "ibyo mwashyizeho muri MINAGRI bidakemura ibibazo mwashyizeho yataanzwe. Ibi ni nabyo benshi baheraho

kumwara kw'abayobozi.

TITO Rutaremara yerekanye ko abayobozi babesha Perezida

- Gahunda yo kubakira abatishoboye hakoreshejwe inkunga y'ibikoresho byatanzwe na MINALOC ntijkeze ku nteto yayo;
- Muri gahunda ya Girinka, ahensi izatanzwe ntizahawe ababikwiye;
- Amafumbire yagombaga guhabwa abaturage ntijkeze mu buryo bukwiye;
- Isoko ry'ibikoresho byo kubaka ryatanzwe rijyanye n'igikorwa cyo kubakira abatishoboye ryari mu byiciro titatu:
- Amabati yatwaye 5.100.480,15 US\$(SOFIEX-Ubibiligi);
- Imisumari yatwaye 151.200 US \$ (GULF WORLDEX-China);
- Isima yatwaye 1.376.000.000 Frw (CIMERWA).

Bimwe mu bibazo byagaragajwe muri gahunda yo kubakira abatishoboye

Mu gihe abaturage baba barira ko batabonye amabati, abayobozi bayarekera mu bubiko batayaha abo yagenewe, umuntu akaba atatinya kuvuga ko bamwe baba bagishakisha uko bazayarigisa, bakazabesha ko yataanzwe. Ibi ni nabyo benshi baheraho

abaturage bahawe sima barayigurisha, hari abahawe sima barayibika kubera kubura umucanga.

Hari sima zangiritse kubera gutinda gukoreshwa.

Hakaba n'abaturage basinyishijwe ko bahawe sima ariko ntibagereho.

Ibibazo byihariye mu kubakira abatishoboye

Akarere ka Nyaruguru, habayemo kujijsa no kurigisa badatandukanya ibikoresho byatanzwe na MINALOC n'abandi baterankunga; Akarere kagurishije imifuka 350 n'Ibitaro bya Munini, kandi hari amazumenshi adafite isima; Akarere kavuga ko koherereje Umurenge wa Kibeho imifuka ya sima 140, nyamara ntiyagezeyo.

Mu Karere ka Rwamagana, imifuka 347 ya sima yaburiye mu bakoz b'akarere.

Uwari umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ruheru yanyereje imifuka 19 ya sima yimirirwa mu Murenge wa Ruramba; Bauze ko hari imifuka 155 mu bubiko, ariko banze kuyerekana;

Hari imifuka 100 bavuga ko yohereje mu Murenge wa Cyahinda gukoreshwa Blocs ciment, nyamara nta nzu n'imwe igaragara yubakishijwe blocs ciment.

Mu Karere ka Rwamagana, abakozi banyereje imifuka 347 ya sima; Uwariumungamutungow'Umurenge wa Ngororero mu Karere ka Ngororero yanyereje imifuka 20 ya sima. Muri Nyagatare, imifuka 61 ya sima yaburiwe irengero.

Hari uturere twimye urwego rw'Umuvunyi amakuru

- Akarere ka Kirehe ntikerekanye ibikoresho kakiriye n'ibyo katanze mu mireng;
- Akarere ka Rutsiro ntikerekanye ibikoresho kahawé na MINALOC. Tito Rutaremara yavuze ko bizarba ngombwa ko basubirayo bajanye na pollisi.
- Umurenge wa Kigabiro mu Karere ka Rwamagana, Rugabano na Mubuga muri Karongi ntijkeze ibyo yakiriye n'uko byakoreshejwe.

Iyo urebye imiterere y'amwe mu mazu atuwemo n'abatishoboye, usanga biteye agahinda. Zimwe mu ngero zatanze: Kayonza/Kabarondo; Akarere ka Kirehe; Nyamagabe, mu Murenge wa Cyanika; Rusizi, mu Murenge wa Nkanka.

muri gahunda ya Girinka

Amabiriza yataanzwe kugira ngo umuturage ahabwe inka atanga icyaho cyo guha inka abatazigenewe;

Ahensi kandi, n'ayo mabwiriza ntiyubahirijwe. Ingero: abacuruzi, abafite izindi nka nyinshi, abakozi ba Leta,

BIKURIKIRA URUP 10

ISESENGURA

Gira inka mukene w'umunyarwanda yabaye gira inka muyobozi



We yararenzwe: Min. Musoni wahozé mu mari (Photo/ Archives)

abahoze ari abahuzabikorwa b'utugari, abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari... Inka nyinshi zatanzwe ntizari zujuje ibyasabwaga: kuba zaratewe intanga z'ubwoko bw'amata kandi zihaka; nyamara inyinshi zaragumbashye. Muri iyo gahunda yo gutanga inka, ahensi hanabayeho gukoresha ikimenyane n'icyenewabo mu itangwa ry'inka.

Ibibazo byihariye muri gahunda ya Girinka

Umurenge wa Gihango mu Karere ka Rutsiro wahawe inka 78, abaturage bakira 74, izindi 4 ziburirwa irengero; Umurenge wa Muhamadi, Akarere ka Rwamagana, bakiriye inka 77, abaturage bahabwa 64, izindi zirabura. Muri uwo Murenge kandi, hari abaturage bambuwe inka ziragurishwa, abaturage ntibahabwa amafaranga yazo. Ibi byagaragaye no mu yindi mirengi imwe n'imwe.

Umurenge wa Bukure, Akarere ka Gicumbi, naho bakiriye inka 56, abaturage bahabwa 47, aho izindi zagiye ntihazwi.

Umurenge wa Nyagisozi mu Karere ka Nyaruguru wahawe inka 98, abaturage babona 85, izindi ziburirwa irengero.

Nubwo benshi mu bayobozi bateje ibibazo, hari n'ibyo abaturage bateje.

Mu Murenge wa Gatare, Akarere ka Nyamagabe, abahungutse 14 bava Tanzania bahawe inka, bose barazigurisha barigendera baburana na zo;

Abaturage bagurishije inka n'ibikoresho by'ubwubatsi



Ni benshi baba ahameze hatya: (Photo/ Archives)

bahwe, ubyobozi bwabura uko bubagira bukabarega mu Bunzi.

No mu ifumbire hari ibibazo

Leta ifasha abaturage kubona ifumbire ku giciro gito, bakazishyura nyuma; Abaturage bamwe bacuruza ifumbire mu gihugu no hanze yacyo.

Akarere ka Kamonyi kahaye imirenge ifumbire mu ntangiriro ya 2008, n'ubu hari ikiri mu bubiko bw'imirenge. Umuntu akaba atabura kwibaza igithe ihinga rirangiye ifumbire ikibitswe, ugomba kubazwa inzara izatera kubera kubura umweru, niba uwo muntu akunda u Rwanda n'Abanyarwanda?

Mu nama nyinshi urwego rw'Umuvunyi ruhora rutanga, ariko akensi ntizishyirwe mu bikorwa, akaba ari nayo mpamvu basabye ko itegeko ryazabaha ububasha bw'Ubushinjacyaha, no muri uyu mutungo wa Leta warigishijwe batanze inama zikurikira: Gushyiraho uburyo bunoze bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta; Gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi ku bayobozi no ku bakozi bagaragayeho uburangare mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta;

Gukomeza gukurikirana mu butabera abagize uruhare mu inyereza ry'ibya rubanda Kunzo gahunda yo kubakira abatishoboye no gushyiraho igithe ntarengwa bigomba kuba byarangiye. Leta yagiriwe inama yo kwambura inka abantu bazihawwe batabikwiye zigahabwa abazikwiye. Ibi Perezida Paul Kagame yabiciye akarongo ategeka ko bihabwa igihe gito bikaba bishyizwe mu bikorwa, kandi

ntibigarukire aho gusa n'ababigizemo uruhare bagakurikiranwa, kuko aho kugira ngo abantu bashime ko ibantu bikomeza kugenda uko babikora, yahitamo no kuva muri Guverinoma akayibarekera bibaye ari uko bo bakomeza kubishaka, kabone n'ubwo abaturage baba ariko babihisemo. Mu kiganiro yagiranye n'amaradio anyuranye yavuze ko yasaba ntibazanamutangeho umukandida wo kubayobora bigenze gutyo aho abantu bakwiyemeza gukomeza gushyigikira imikorere mibi.

Mu butumwa bamwe mu baturage batanze, bagaragaraje Perezida Paul Kagame ko bamwe mu bayobozi bafatanyije kuyobora bamwishushanyaho, bakaba batibuka abaturage.

Habajije impamvu Radio na TVR itumvikana muri Rubavu, ngo ni Radio ya Congo ibirusha ingufu. Kuri bo umuti batangaga ni uko bazumvikana n'icyo guhugu cy'abaturanyi iyo radio ikagabanya ubushobozi bwayo kugira ngo Radio Rwanda yumvikane na TVR igaragare. Paul Kagame yavuze ko icyo ari igisubizo kirimo ubunebwe. Yaravuze ati: "tuzamure ijwi. Ntabwo usaba ko abandi baceceka kubera inäge nke zacu. Tugomba gushyirambo imbaraga".

Minisitiri w'Intebé ahawe umwanya, yavuze ko abayobozi bakwiye kujya basobanura ibyo bakora bifatika. Iribazo cyatinzweho cyane, ni gahunda ya Girinka yahinduve Girinka muyobozi. "Numvise ko hari abayobozi bavuga ngo abaturage ntibashobora izo nka! Programu yahindutse ite, ko byari bigenewe abatishoboye. Ni nde wabikoze? Amafaranga yari kubonekamo inka 10 hakaboneka imwe, ahandi abayobozi bakagura



Arabwira abashize: Guverneri Ndayisaba (Photo/ Archives)

imvange cyangwa iza kinyarwanda bakazita iza kiyambere. Ndagira ngo mubimbwire?"

Meya wa Kamonyi ati: "inka yagombaga guhabwa ukennyne afite ikiraro, ari muri mituweli afite n'ubwatsi. Byavaga mu nzego z'ibanze. Kamonyi ngo yabaye Girinka munyarwanda. Ibyo nabyo Paul Kagame yarabigaye kuko zari zigeneewe abakene.

Gicumbi: Haje ibimasa bavuga ko bitwarwa n'abishoboye bikimiriza abantu hakazatangwa inyana. Hari abayobozi bitwaye neza bahabwa kuri izo nka za Girinka. Na Mutsindashyaka ngo hari izo yatanze, ndetse n'abapolisi. Gatsibo: Hari bamwe mu baresiponsabule bahembwe inka kuko bitwaye neza.

Paul Kagame ati: "ijo abayobozi baba batikunda gusa, bari kurekera iyo nka umukene ariko bakayiragiza uwishoboye ari iye, bakazumvikana uwo mukene utayishoboye akazumvikana n'uwayimuragirije uko bazagabana amata cyangwa icyo izabyara. Byabaye muri he? Mwabihunduye mute bayobozi? Abishoboye basanzwe bajya mu mabanki. Gahunda ntabwo yagombaga guhinduka itaragera no ku nt ego yayo. Gahunda ntabwo yari ukubabira inka abayobozi".

Tito Rutaremara yagaragaje ko mu Bugesera hari aho umuyobozi umwe yatswe iyo nka, ariko Visi Meya arayisigarana. Hari aho bahaye izo nka abacuruzi (Butare za Maraba...) Muri aho gace zimwe zararigishijwe. Hari abari barahungutse bava muri Tanzania, bahabwa inka 14 baburana nazo.

Hari aho batanze Girinka ku muntu ufite inka 40. Abarimu bahawe kuri izo nka, n'abayobozi b'Utugari. Hari

abubatse ibiraro barazibura. Hari aho bavuze ko abatwa batagomba kuzihabwa kuko batanazizi, ariko Umuvunyi ababajije bavuga ko ari bo bahirira iz'abo bayobozi, ku buryo iyo bazihabwa bari kureka kwhirira abayobozi bakahirira izabo bwite. Hamwe byatangiye zihabwa abatishoboye bashoboye inka, birangira zihabwa abishoboye. Tito Rutaremara yashimangiye ko hari n'ibikoresho byinshi byanyereje mu Turere, avuga ko mu Rutsiro abayobozi babangije, ku buryo nibasubirayo bazajyana na polisi. Paul Kagame yavuze ko izo nka zigomba kugaruzwa vuba, ahera kuri Bazivamo n'abandi bayobozi babishinzwe bagombaga kubikurikirana bakaba barabaye ba tereriyo. Yavuze ko abahaye igithe gito ngo zigaruke mbere yuko hatangwa izindi.

"Muzigarure muzihe abatishoboye mubafashe uko baziragira. Turashaka ko bisubira mu buryo. Sinzi ko bizagarukira aho ngo muzigarure gusa. Tuzabashakira umuti kuko mwaduteje ibibazo. Mu mirimo dushinzwe, buri wese yikorera umusaraba we.

Visi Perezida w'Inteko Umutwe w'Abadepite Dr. Ntawukuriryayo Jean Damascene yavuze ko iyo Tito Rutaremara atavuga batari kumenya ko abayobozi batita ku bacitse ku icumu. Hasabwe ko ibyo kubakira abacitse ku icumu byasubirwamo ntibakomeza kubabeshya amazu, ahubwo inzu yatangira kubakwa nyirayo akaba azwi akayikurikiranira akaja agaragaza ibibazo hakiri kare kuko akaburiye mu isiza katabonekera mu isakara.

Habiyambere Valens

IKIGANIRO

*M*u gihe Leta y'u Rwanda
ikataje mu gukangur-
ira abaturage ibyiza
byo kwibumbira muri
Koperative, abazirimo bararira ayo
kwarika, bakihanagura.

Mu bantu bagiye kurangiza umwaka w'2009 nabi, harimo abizigamiye mu mashami ya UCT, ubu bakaba berekeza kuri Noheli n'Ubunani inzara ibakorogoshora igifu kandi bari bariteganyirije. Nyuma y'ikiganiro Umuseso (UMU) mu numero 379 wagiranye na Sendikaliste KAMPAYANA Martin (KM) Ushinzwe iseswa rya UCT ritegetswe na BNR, abantu benshi bagiye badusaba kongera kumubaza icyatumye CT-Remera nayo ifunga imiryango igitaraganya n'ubo bazabaza ayo babikije icyo kigo. Uwo mugabo utinubira abamugana unagaragaza kwitangira uburenganzira bw'umukozi yadusubije muri aya magambo.

UMU: Nyuma yo gufunga CT Gisenyi, Nyarugenge, Kibungo, Nyagatare, byaba ari ukuri ko na CT Remera itagikora ?

KM: Ku itariki ya 22/11/2009, Inama Rusange y'abanyamuryango yarateranye, ifata icyemezo cyo gushyira ingufuri ku miryango ya CT-Remera maze ishyingurwa ityo.

UMU: Impamvu yaba ari iyiye ?

KM: Nk'andi mashami amwe n'amwe ya UCT, CT-Remera yaranze n'imikorere mibi ku buryo yari imaze igihe kinini ikoresha imishahara y'abakozi bayinyugazamo mu kwishyura ubukode bw'aho ikerera, abakozi bayo n'ibindi bakenera nyamara abafite imyenda batishyura.

UMU: Kubera iki abayobozi b'yo koperative bakomeje gusesagura umutungo wa rubanda ?

KM: Ifi iyo igiye kubora ihera mu mutwe. Iyo umutwe wabozie ntawabaza impamvu igihimba kinuka, ahubwo numva haba hasigaye gushaka uburyo bwo gukiza umubore abo utera iseseme.

UMU: Ibyo uvuze uteruye bijya gusa n'ibyo twumvise kuri HABINEZA Théoneste, wayoboraga CT-Remera akigwizaho inguzanyo atishyura kugera

CT-Remera yiyongereye ku mashami ya UCT yafunze imiryango

► *Imungu yamunze abanyarwanda ni ubusambo*
► *Iyo Kagame yariye karungu ahinduka Afande Simbikangwa.*

aho azifata akesheje murumuna we n'umukozi we ku buryo no mu bukwe bwe ngo yateruye miliyoni eshanu kandi ubu akaba yidegembya muri Komisiyo ishinzwe uburenganzira bwa muntu. Byaba aribyo ?

KM: Icyo nzi ni uko ari mu bantu bafite amafaranga menshi bamaranye igihe batishyura kandi ahembwa buri kwezi n'yo Komisiyo. Kuba hari isano afitanye n'abo yagiye akesheha mu guhabwa inguzanyo, nshobora kubigenzura kandi itegeko ribiteganyiriza igihano gikomeye.

UMU: Waba umaze gufasha nde mu bahuye n'uruva gusenya muri UCT ?

KM: Ngerageza gukora ibinshobokeye byose. N'Imana ifasha uwifashije. Nabaha urugero rumwe. Hari umugore waje ababaye cyane kandi ahetsse umwana wamurembanye yabuze uburyo bwo kumuza. Byanteye agahinda, mpita musaba kundangira Bihemu waba ufite amafaranga angana nk'ayo yari yizigamiye. Yantugiye agatoki umuryango w'umusaza witabye imana atarishyura umwenda yahawe, ambwira ko umukobwa we agiye gukoshwa 500.000 Frw. Nahise nambara ikote, nitabira ibirori maze nsohokana n'abashumba na ba veterineri bagiye kureba inka ya BNR mba ncakiye urwuri yarimo (enveloppe), nkuramo 200.000 Frw ya wa mugore. Ahasigaye bimyiza imoso, nanjye mpita nitahira bamaze kunzimanira byeri imwe.

UMU: Ibyo wakoze byaba byubahirije amategeko cyangwa ni ukwhanira ?

KM: Ni ukunyura inzira ya bugufi mu gutabara umuntu uri mu kaga,



**A Dieu Martin, Ntitwabangaga:
kampayana Martin (Photo/ Archives)**

mbyemerewe n'itegeko.

UMU: Iyo Koperative yanyu ifunze, abari barayisunze babariza he ibyabo ?

KM: Kubera amafaranga menshi yishyurwaga ku bukode bw'aho Koperative zafunzwae zakorera kandi adashobora kuboneka mu gihe cy'iseswa, twakodesheje Biro aho bakunze kwita kuri AUDIOTEX hakurya ya CHEZ VENANT mu Mujiyi rwagati ku muhanda ugana ETO Muhima. Aho niho bashobora kubariza guhera ku wa **04/01/2010**. Ku bintu bitashoboye kubonerwa aho bishyirwa, natwerereye UCT ububiko ku buntu.

UMU: Kuba ibisambo byiyongera mu nzego zose za Leta kugera no muri Koperative z'abaturage, ntabwo byaba ari icyorezo u Rwanda rugiye kwanduza Imiryango irwakira ?

KM: Nta muryango ubura ikigoryi. No muri ibyo bihugu hari ba kanyabyaha b'ingeri zose. Ntaho mwene Samusule ataba kandi aho ari hose avukana isunzu. Icyo ngombwa ni uko Leta yafata iyambere mu gushyiraho uburyo bwiuse bwo guhita haryozwa ba kaboko karekare iby'andi bigabiza batavunitse. Leta nzima ni ifata ibyemezo amazi atararenga inkombe.

UMU: Ko wakoze mu Buyobozi bw'Umujyi wa Kigali ukaza gusezera ku bushake, abari abayobozi banyu bose bakaba bari mu kaga, ntabwo muribo habaye bene Samusule wahanze ?

KM: Jye natangiranye na Rose KABUYE ndangizanya na MUTSINDASHYAKA Théoneste. Umwe yari yarafungiwe mu Bufaransa undi ari muri 1930 cyakora ibyo bazira si bimwe. Roza ni umutegarugore w'intwari kubera ibigwi abanyarwanda tumuziho. Ku ikubitiro

ryo kubohoza u Rwanda, yafatanje n'abandi basore b'intarumikwa, rurambikana, Inzirabwoba zikwirwa imishwaro, urugamba aba arugizemo uruhari rugaragara na n'ubu akaba akirwitangira ku neza y'Ighugu. Yayobye Umurwa mukuru Kigali ifaranga ritaraca ibantu, twese duhemba imvungure. Ntawari kunyereza ikidahari kandi twese twari dushishikajwe no kubaka urwatubuyaye twaritugifitiurukumbuzin'urukundo. Aho ifaranga riziye, yasimbuwe na MUSONI Protais wazanye TTP mu gukemura ibibazo by'abari barabohoje iby'abandi. Hashize igihe gito, KABANDANA Marc aba abaye Perefe wa nyuma, umugabo w'impuhwe zitagira umupaka, akaba arizo azize, watangije imrimo y'iterambere ry'Umujyi wa Kigali. Hakomeje kavukire MUTSINDASHYAKA nyuma y'amatora ya mbere ya ba Meya. Usibye kumva ko yashoboraga guterura Isi akayibirindura mu buryo Shebuja yifusa, ntiyigeze atekereza ko iyo bahemutse, KAGAME akarya karungu ahinduka Afande Simbikangwa.

UMU: Ko ntacyo uvuze ku ngeso zindi zabaranze se ?

KM: Umukecuru aherutse kuza kunsaba udufaranga twe yari yarabikije muri CT-Remera. Yari ariko nkunda urwenya. Mubwiye ko adashobora kugira agafaranga acyura kubera ko bene Samusule bakagurukanye, yaramwenyuye maze ambwira ati: Inkotanyi bazibeshyeraga kugira amatwi maremare n'umurizo ahubwo zigira mato kubera ko iyo zigotomera ibya rubanda zitumva n'aho umurizo wo zirawunganya na ba "**uzi ico ndico**" mu kuwukoresha amafuti. Nanjye nti ingeso zivugwa kuri bamwe nta gihe zitabaye mu bantu. Aba mbere, Adam na Eva, bananiye Imana Rurema. Uko bororokaga ni nako ibyaha byiyongeraga kugira ku bwicanyi bwa Gahini na Abeli. Yezu agize ngo araza kubacungura bamumanika ku gititbamaze kumukubita iz'akabwana kubera umujinya bari bafite w'uko yababwiye ngo utarabikoze atere ibuye uwabikoze maze hakabura n'umwe. Ni muve ku batarabikoze kandi batazigerababikora na rimwe !

UMU: Muri aka kababaro abaturage barimo ko kwamburwa utwabo ku Maherere, kwibwa imisoro yabo batanga bababaye, ubukene, ubushomeri n'inzara bikomeje kuba icyorezo n'ayo mahano yandi yose akorwa n'abategetsi bijuse, urabona hari uzatora Kagame ku bushake koko ?

KM: Yewe, yewe, usibye ubunyarwanda duhuriyeho rwose, ndi

Umusinga Kagame nkumva ko ari Umwega. Mu byo amaze gukorera iki gihugu, ugereranije n'ababayi mu mwanya afite, abawufitiye irari bose cyangwa abandi ba Perezida muri Afurika, kutamutora ni ukunyagwa zigahera pree. Na none ntawe udakosa iyo akora kandi iyo abo watoranyije kukubera inkoramutima bahindutse ibisambo, nawe bagutera ikizinga. Arik se, ubundi watora umusaza cyangwa umusore utarigeze atunga urugo ngo azahahire Ighugu ? Watora uwahunze ibibazo ngo aze agukemurire akarengane yakwepye ? Ibisambo bimusiga ibara, nibyo biba kw'isonga ryo kumuramya, nawe akagira ngo ni intama kandi ari ibirura ku baturage. Usibye igitugu nacyo kiba ngombwa rimwe na rimwe ku bantu batumva udafashe akanyafu, guhonyangwa kw'uburenganzira bumwe na bumwe bwa muntu n'igisunzu cya Habyarimana akibazwa kandi kijya guhanurwa yari yibereye ku Mulindi, ku bindi byose mbona Kagame ari Kapiteni mwiza udafite ba Rutahizamu kabuhariwe mu ikipe ye. Abensi bazi gucenga gusa !

UMU : Mu gusoza, Ikinyamakuru UMUSESOS cyo ukibona ute ?

KM : Ni umuhwituzi ukaze wa Perezida Kagame, FPR n'ibikomerezwa bya Republik. Umuseso urabagurisha nabo bakawukuramo isomo rya demokarasi badatanze minerval. Numva benshi bavuga ko Umuseso utabeshya arik se ukabya inkuru. Cyakora, iyo Ikinyamakuru kidashyuhi inkuru nacyo ntawe ukigura kandi Umunyamakuru agomba gutungwa n'inyungu ikivamo aho gusabiriza nka mayibobo. Kubeshya ni icyaha imbere y'abantu n'Imana arik se tegeko rihana ikabyakuri. Nta munyamakuru rero wagombye kubuzwa epfo na ruguru kubera ivuzivuzi rye rishingiye ku bivugirwa mu matamatama. Abavugwa nabi bikosore, abafite ingeso zibatera isoni bazireke n'abumva ko babeshyerwa bemere ko tutari mu Ijuru. Cyakora, twabyemera, tutabyemera, igihe cyo kuyobora kinyeshyamba kirarangiye. Hagomba ubutegetsi bwa Republik buri wese ufite ubushobozi, ubwitange n'ubunyangamugayo yibonamo nta kwironda hashingiye ku isano iyo ariyo yose abantu bafitanye. Hari ba Rutahizamu babuze ababinjiza mu mukino hanze aha, ni uko gusa Kapiteni yagoswe n'abakinni amenyereye bahora bamukingiriza biyo kureba hakurya y'ikibuga bikamugora. N'yo abaciye mu rihumye agwa ku wo baba bashyize ku ntebe y'abasimbura basanzwe baziranye. Twenty ten tuzayirye ntizaturye kandi Imana idufashe kugera kw'ifirimbi ya Twenty twenty bavuga, murakoze.

Ibiciro byo kwamamaza

Ku rupapuro rw'umweru n'umukara

Urupapuro rwose:	400.000 FRW
½ cy'urupapuro:	250.000 FRW
¼ cy'urupapuro:	150.000 FRW
1/8 cy'urupapuro:	80.000 FRW
Eye-Piece:	50.000 FRW

Ku rupapuro rw'amabara

Urupapuro rwose:	700.000 FRW
½ cy'urupapuro:	500.000 FRW
¼ cy'urupapuro:	300.000 FRW
1/8 cy'urupapuro:	150.000 FRW
Eye-Piece:	100.000 FRW

Uko ugenda wamamaza inshuro nyinshi, ugasanyirizwa ku buryo bukurikira:

Inshuro enye (4)	5%
Inshuro umunani (8)	10%
Inshuro cumi n'ebiyiri (12)	15%
Inshuro makumyabiri n'enye (24)	20%
Inshuro mirongo ine n'umunani (48)	25%

Amafaranga yose yo kwamamaza atangwa mbere.

Ukeneye ibindi bisobanuro, wahamagara 0788686919 cyangwa 0788570640

Uri umucuruzi none urifuza ko abakirira bakugana ku bwinshi, batumehe Umuseso maze wirebere; ababikoze nibo bazi ibanga! Wizuyaza, kandi imiryango ihora ikinguye!

1. Mukezamfura yavuzwe kera bangaa kumuburanisha bahengereye agiye baba ari bwo bikorwa mu nyungu za polotiki.

Yashinjwaga ibyo yanditse ari umwanditsi mukuru mu kinyamakuru Imvaho n° idasanzwe 1046 yo mu kwezi kwa Mata 1994, avuga ko Intwari Habyarimana yatabarutse. Ko umwanzi w'u Rwanda ari FPR. Ko kuba FPR itemera Guverinoma y'abatabazi ntawe bikwiye guca intge, n'ubundi, yo(FPR) n'abakurambere bayo ntibigeze bemera ubutegetsi Abanyarwanda bihitiyemo. Ko bitabuza u Rwanda kuba u Rwanda". Ko intambara yarose yubuwe n'ingabo za FPR zari muri CND zifashijwe n'amashumi yazo yari mu mujyi zigamiye guhana bamwe mu basirikare bari bababajwe bakanarakazwa n'urupfu rw'uwo bari bashinzwe kurinda, bajya kumusanganira akabapfira mu maso, atazize urw'ikirago ngo bigire inzira yavuze ko umwanzi ari wa wundi wateye u Rwanda mu Kwakira 1990 ukomeje umugambi we wo gushaka gufata ubutegetsi ku ngufu, yirengagije amasezerano yashyiriweho umukono Arusha ku wa 4 Kanama 1993. Yasabye abaturage/ Interahamwe ko bamaze kubona ko umwanzi yabinjiranye, kwishyira hamwe bagafasha ingabo kumutsinsura no kumubuza kwinjira bucengezi mu mujyi wose. Ngabo ku marondo no kuri za bariyeri ijoro n'amanywa bitwaje intwaro za gakondo ndetse n'udukoresho twa kiyambere. Abategetsi, abacuruzi, abakozi, n'abashomeri abisumano n'abashyitsi bose bicara hamwe barinda aho batuye..., bose bashinze ibirindiro kuri bariyeri. Kubanyuraho udafite ibyangombwa byuzuye ni ikidashoboka". Asoza iyo nkuru, yavuze ko isomo rikomeye abanyakigali bavanye muri iyi ntambara ari uko umwanzi amaze kwiyorosaho uruhu rw'intama ake kaba gashobotse. Ikiba gisigaye ari ukwihyira hamwe bakamubuza epfo na ruguru, imigambi ye mibisha bakayiburizamo, byarimba nawe bakamwivugana".

2. Hari Bisengimana Elisée bari barakingiye ikibaba.

Bisengimana Elisee yavuzwe kenshi n'itangazamakuru ko hari abaturage bamuziho ibikorwa bibi muri jenoside y'abatutsi yabaye mu Rwanda, ariko ashirwa mu bandi badepite ku itike ya FPR, habaye urugamba rukomeye abayobozi bakuru ba FPR bamurwanaho badashaka ko avugwa. Bamwe bavugaga ko ari amashyari ya rubanda, ariko abandi bakavuga ko iyo rubanda imuvuga nta nyungu ibifitemo, ko ahubwo ari ukugaragaza ukuri ku byabaye muri jenoside y'abatutsi.

Mbere higeze gutangizwa ikimeze nk'urubanza, ba Nyakubahwa Muligande Charles babishuhamo

Tumwe m'udutendo n'uduhomamunwa twabaye muri Gacaca

bakora uko bashoboye umuyoboke wabo aba umwere kugira ngo badaseba kuko itangazamakuru ritahwemaga kuvuga ko mu bayobozi FPR yahaye imbehe harimo n'abakoze jenoside. Yashinjwaga n'abantu banyuranye barimo Rwabukangura wavuze ko uwo mugabo yagaragaye mu nama yabereye muri Groupe Scolaire ya Gihundwe iyobowe na Bagambiki Emmanuel. Iyo nama ngo ikaba yari igamiye gushishikariza abantu gukora jenoside. Iyo nama ngo yabaye mu ntangiriro z'ukwezi kwa 4/94, uwo mutangabuhanya akaba yarabibonye nk'umuntu wari wahahungiye.

Nyuma y'iyo nama, ngo habayeho igikorwa cyo kubarura abatutsi bari bahahungiye, uwo moyobozi akaba yari muri abo babarura. Nyuma ngo habayeho igikorwa cyo kwirukana impunzi ngo zijke kuri stade.

Uwo mutangabuhanya Rwabukangura, anarega Bisengimana ko, afatanyije n'abavandimwe be 2 ba Bisengimana, bafatanyije kwica umuvandimwe wa Rwabukangura wirwa Ndushabandi Ndago. Undi mutangabuhanya wigaga muri Groupe Scolaire aho Bisengimana yigishaga, yabwiye urukiko ko, yabonye Bisengimana n'abandi bari mu nguni bagiye mu kigo cya gihundwe bagiye gutegura inama y'ubwicanyi.

3. Gufunga umunyemari Nsekuye uretse ko yaje kurekurwa.
Yazizwaga imitungo amaze kugeraho ishyari ry'abagenzi be bifashishije bamwe mu bacikacumu bo mu Gatsata baramuhagurukira

4. Depite Nirere Beatrice wa Byumba


Nirere Béatrice yahoze ari Suprefe muri Perefegitura ya Byumba mu mwaka wa 1994, nyuma y'igihe gito ahawé umwanya w'ubudepite ku itike ya FPR aturutse kuri lisiti ya 10, Urukiko gacaca rw'Umurenge wa Gikondo rwamuhamije icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi.

5. Depite Bizimana Jean Leonard avuga ko yafungishijwe ku kagambane na Semukanya Antoine

Yahoze mu Nteko ku itike ya MDR Bizimana Jean Léonard nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi, yaje



Ikibaba: Mukezamfura Alfred (Photo/ Archives)



Yibagiwe ko Bisengimana ari umwere: Dr Charles Muligande (Photo/ Archives)

kuvanza mu Nteko ashinjwa jenoside. Yarafashwe afungirwa ahantu hatandukanye nta dosiye afite, gereza ya Kimironko, Gikondo, Muhamma na Muhamma zikamuhererekanya buri imwe ivuga ko itakomeza gufunga umuntu udafite icyo afungiwe kigaragara muri dosiye. Kuva yafungwa, abantu banyuranye barokotse jenoside bari baturanye na Bizimana, abagerageje kwerekana ko arengana, bamwe bimwe inzu bari bemereye mu midugudu y'abacitse ku icumu, abandi bimwa ibyo bari bagenewe na FARG, kubera ko ibyo basabwaga kuvuga ngo hakoreshwe dosiye yashakwaga babyanze! Nyuma y'imyaka 10 afunzwe, ku itariki ya 7/5/2009 ku Kagari ka Bubangu mu Murenge wa Muhororo ahahoze ari muri Rutongo, habereye urubanza gacaca ruyobowe n'Inteko yari yaturutse i Kanombe yoherejwe n'urwego rw'ighugu rushinzwe inkiko gacaca. Kuri iyo tariki twavuze haruguru, Bizimana yasomewe dosiye ivuga ko aregwa gutegura jenoside nk'umuyobozi wa MRND, kuyishikariza abantu, gushinga bariyeri, gukoresha inama zo gutegura jenoside, no kuyobora igitero cyagije kwica umuryango wa Abudalla. Asabwe kugira icyo abivugaho, yagaragarje urukiko, ko ibyo ari ibantu by'ibihimbano byapanzwe na Semukanya Antoine wari Umuyobozi w'Akarere ka Rutongo ku mpamvu zinyuranye zirimo n'ishyari, maze hashakishwa abantu bigishwa uko bazashinja Bizimana Jean Léonard yaha bya jenoside. Yakomeje agaragariza urukiko ko, yari umuyobozi wa MDR muri uwo Murenge yari atuyemo wa Muhororo mu gipande kitashakaga

muri MRND abajyana muri MDR, ku buryo nawe yakoze uko ashoboye ngo amubohoze bakajya babitonganira no mu tubari, ariko akabyanga kuko bari baramubwiye ko n'aramuka avuye muri MRND azirukanwa ku kazi yari afite k'ubwarimu, dore ko na Bizimana Jean Léonard yari umwarimo bigishaga hamwe. Urukiko rwabajije uwo mugabo wiyemereraga ko yari muri MRND, igithe cyo kwica gitangiye, icyo yifurizaga Bizimana, yasubije ko yumvaga badakwiye kumutera cyangwa ngo nawe abatere. Kuri we ngo yumvga ibyo bapfaga badakwiye kubikomeza mu gihe cy'ubwicanyi, kandi nawe ngo byageze ubwo bagenzi be bari mu Mutwe w'Interahamwe baje kutamwizera kuko bashidikanya ubuhutu bwe, bityo nawe atangira kwihiha agendera umunsi umwe na Bizimana umwe aca ukwe undi ukwe.

Bizimana yabajije aho idosiye imushyira mu rwego rwa mbere yaba yaraturutse, kandi mu manza gacaca zabaye mu Tugari 29 aka Gatwa kahoze ari Nyanza, na Rubangu haragaragajwe ko yashinjwaga imitungo akabiburana akabatsinda. Urukiko rwagaragaje ko Inyangamugayo zitumvikanye ku byerekeranye n'ibyo Bizimana avugwaho, bityo akaba ari yo mpamvu inama rusange yasabye Urwego rw'Ighugu rwa gacaca koherenza Inteko iturutse ahandi.

Mu nama rusange yashyiraga abantu mu nzego, hari abashatse kuzanamo izina rya Bizimana Jean Léonard, abandi bakabyanga bagaragaza ko mu ikusanyamakuru ryakozwe ntawigeze amuvuga mu bwicanyi, maze bigatera amahane akomeye bamwe bashaka no kurwana, maze uwari ushinze amategeko ku Rwego rw'Ighugu uzwi ku izina rya Murefu akabakiranura avuga ko bareka iryo zina rikajyamo, Bizimana akazabyisobanuraho aburana muri gacaca bikazakemurwa n'urukiko!

Bizimana yagaragarje urukiko, ko abantu bamubesheyeye yabareze mu nkiko ahereye ku baturage babishyzwemo akazaherutsa Semukanya Antoine wabipanze, ibyo ngo akaba yarabigiriwemo inama na Avoka we, maze aboneraho kugaragariza urukiko ko, amaze gutsindamo babiri, aribo: Mukamuhire na Munyonga. Urwo

IBIMBABAZA

Kagame yashonjesheje abanyarwanda kurusha Habyalimana

► *U Rwanda: 'Bwaki nk'kimenyetso cyo kwiha mu biribwa'*

Perezida Kagame nkuko nabivuze, ni umugabo usetsa cyane-n'ihihe na-byandikaga mu cyumweru gishize, Kagame yarimo kurushaho gusetsa abanyarwanda bashobora kumva urwenya rwe, uretse ko non-eho mu rwenya rwe harimo n'agashinyaguro ku banyarwanda bamwe-umukuru w'igihugu aherutse kubazwa kimwe mu bintu yishimira u Rwanda rwaba rwaragezecho ku butegetsi bwe, maze asubiza ko ari ukuba u Rwanda ubu rwiha mu biribwa!!

Ibyo Kagame yabivuze na none yari amaze ihihe gito agarutse ku kibazo cya bwaki imeze nabi mu Rwanda-indwara iterwa no kurya indyo mbi kjandi idahagije, kugeza ubu inavugwa mu bantu bakuru-ibusanzwe ikunze kurwarwa n'abana. Ibyo bintu bibiri bivugwa n'umuntu umwe, ni urwenya rukomeye-kwemera ko hari bwaki yageze no mu bantu bakuru, hanyuma ukishimira kwiha mu biribwa.

Mu yandi magambo, kuri Perezida Kagame, bwaki ni ikimenyetso cyo kwiha mu biribwa. Hari ibyo Kagame yaba atarasobanukirwa ku kibazo cy'inzara? Cyangwa se u Rwanda rurihaza mu biribwa biki bitabuza abantu kurwara bwaki? Reka turebe:

Uretse ibyo yiboneye nkuko yabivugyi mu kiganiro kimwe,

hashize iminsi hasohoka amaraporu atandukanye agaragaza ikibazo cy'umutegetsi muke ushingiye ku ibura ry'ibiribwa mu Rwanda-iya mbere yasohowe n'umuryango Action Aid yagaragaje ko u Rwanda ruri mu bihugu bimeze nabi, mu yandi magambo mu bihugu aho inzara iea ibantu. Iyo raporo kandi yavuze ko mirongo itanu ku ijana y'abana mu Rwanda barwaye bwaki. Iyo raporo yakurikiwe n'indi nayo yavugaga abana bagwingiye kubera kurya nabi.

Izi raporo, nta nubwo zikomeye nk'ibyo abanyarwanda bisonera mu gihugu hagati-uburyo abantu bashonje n'uburyo n'ibiribwa bioneke bihenda. Vuba aha, hari

umunyarwanda twavuganye ambwira ko ubu hari imiryango mike ishobora kurya ibitoki. Ibyo bitoki ubu bihenda cyane ku isoko birimo bike cyane biva mu Rwanda, ibindi byinshi bikaba biva mu Bugande-ariko birahenda kubi.

Wenda icyo Kagame yavuga hakagira ababyemera, ni iyo aho kuvuga kwiha mu biribwa avuga kwiha mu birayi-kuko ari byo byonyine usanga bigerageza guhenduka kuko byeze mu Ruhengeri-ibirayi nibyo Kagame yita kwiha mu biribwa muri rusange. Ighigu cyihaza mu biribwa cyaba kivugwamo bwaki n'abana bagwingiye? Ibi nubwo natangiye mbyita urwenya, ni n'agashinyaguro ku banyarwanda bashonje n'abo barwaye bwaki Kagame ubwe yiboneye. Iyo mvugo iravugwa mu gihe nkuko turi bubibone hasi, hari abasanga ingoma ya Kagame yarashonjesheje abanyarwanda kurusha iya Habyalimana-murabisanga hasi.


Kuri bamwe, bene iyo mvugo nta kindi igaragaza uretse kuba ubutegetsi bwa Kagame muri propaganda yabwo butanibaza ku cyo abaturage baba batekereza iyo bumva amagambo y'abategetsi-kuko umuturage ntacyo avuze ku butegetsi bwa Kagame. Ikindi, ni uko Kagame azi neza ko abanyarwanda yabbarangije batagishobora kuvuga.

Iyo Kagame aba azi ko abanyarwanda bashobora guhita bamubaza ibisobanuro bya bwaki mu gihugu, kwiha mu biribwa ntaba yaravuze ririya jambo-ariko yari abizi ko ntawe uri bubimubaze, ahitamo kwishimisha asingiza ubutegetsi bwe ku kintu bugayirwaho cyane.

Politiki yo guhakana inzara

Kuvuga ko hari ibiribwa abantu barwaye bwaki, ntabwo ari ikintu gitangaje ku ngoma ya Kagame. Mbere y'ibyo, kuva kera, ubutegetsi bwa Kagame bwagiye buhakana ko nta nzara iri mu gihugu abantu barimo gupfa-ndibuka ko Umuseso wigeze kumererwa nabi na Madamu Aloysea Inyumba akiri Perefe w'icyahoze ari Kigali-Ngali, ko wanditse ko hari inzara.

Icyo gihe ubwo yikomaga Umuseso, yari avuye Gasabo aho abana bajyanwaga kuri Komini kunywa igikoma-yahasuye Umuseso uhari atabizi-avuyeyo avuga ko nta nzara



duhereye ku wagize ati:

"Ntabwo mvugira Habyalimana, ariko ihihe cya Habyalimana, izamuka ry'ibiribwa byari ikibazo kitabwaho cyane, Leta irengera abaturage n'abaturage batinyuka kubivuga, kandi bakumvwa. Ikindi, hari amasoko rusange afasha abaturage guhaha bahendukiwe. Ntabwo abantu basonzaga

nk'iki gihe ku biribwa. Iyi nzara iriho ifite aho ihuriye na politiki y'ubutegetsi bwa Kagame". Undi yagize ati:

"Habyalimana yakoze amakosa ye menshi muri politiki, ariko ntabwo abanyarwanda bigeze basonza bigeze uko bimeze ku butegetsi bwa Kagame."

Iyo myumvire abo banyarwanda basabye kudatangazwa amazina yabo kubera impamvu z'umutekano wabo zumvikana, bayisangiye na bensi tutashoboye kugaragaza ibyo bavuga hano kuko iyi nkuru ari igitekereo rusange.

ibimbabazaa@yahoo.com

STUDY FOR CAREER SUCCESS

Invest in your future with professional study & training from this accredited British College, respected worldwide. Gain the skills and knowledge needed for a new or better job, good pay, self-development, security and top qualifications.

For a FREE Prospectus and information visit the website, or write, fax, or email your name and details to:



The Registrar, Cambridge International College,
PO Box 1378, Southampton, SO17 3WX, Britain
Email: info@cambridgetraining.com
Website: www.cambridgecollege.co.uk

Whatever your educational level, knowledge or experience, CIC has study for you to achieve your potential and earn success:

Certificate, Diploma, Honours Diploma, BA and MBA Programmes

- * Business, Management, Administration, Project Management
- * International Business, Marketing, Sales, Advertising & PR
- * Accounting, Finance, Economics, Commerce, Banking
- * Hotel, Travel, Tourism, Hospitality, Purchasing, Logistics, Transport
- * Leadership, Strategy, Business Development, Organisation
- * Human Resource/Personnel, Employee Development, Insurance
- * English, Secretarial, Communication, Computers & IT, Stores

Diploma Fees £190 or US\$380 - so get ahead of others!

Fees include Study Materials, Training Guide, Tests & Answers, Exam, Assessment, Award. Study at your pace to ensure your success.

Tumwe m'udutendo n'u duhomamunwari twabaye muri Gacaca

Bikurikira urup13

rubanza rukaba rwaraciwe n'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali, ku itariki ya 12/2/2001. Urubanza rw'abandi bagera ku icumi rukaba rukomeje mu Rukiko Rukuru. Abo ni: Mukarusanga Saveline; Ngoga Fidèle; Mukamushumba; Mukamfizi Athanasie; Niyonsenga; Mukarushema Euphrasie; Murangwa; Kamagaju; Uwagirimana François, na Minisiteri y'ubutabera, ngo izahagararira ubushinjacyaha avuga ko bwamuhemukiye bugakora amakosa.

Yakatiwe burundi y'umwihariko

Ururiko gacaca rwamuhamije ibyaha bine : Kuyobora inama zo gukora jenoside; Gushishikariza abantu gukora jenoside; gushishikariza gukora jenoside amabati n'ihene ho ibihembo by'abicanji bishe kwa Abdalla, no gukangira abantu ubwicanyi. Ibyo byatumye hemezwa ko ahawe igihano cy'igifungo cya burundi y'umwihariko.

Icyo twamenyesha abantu, ni uko ibyavugwaga ko yari umuyobozi wa MRND mu kirego byahinduwe kubera ko uwa MRND yari ahibereye akabivuguruza. Nta bantu yakoresheje izo nama za jenoside bagaragajwe mu rukiko, ndetse n'avabugwa ko yabahaye amabati n'ihene, kubera ko yabisinze mu rubanza rw'Akagari ka Nyanza ku itariki ya 27/3/2008, ndetse n'abariye inka zo kwa Abdalla n'abasahuye ibyabo, bakaba batarigeze bavuga ko Bizimana yaba yaraboheje! Inzu yabo ngo yashenyewe na Ngendahimana, amabati atwarwa na Mirindi arayasakaza. Ikindi twamenyesha abasomyi, ni uko abahohotewe bavuze ko ntacy bazi kibi kuri Bizimana. Ku basomyi bakunda kubika inyandiko, Ikinyamakuru Ubumwe n° 55 cyo mu kwezi kwa 6/1998 cyavuze ko hari agatsiko gashaka igihanga cya Depite Bizimana wa MDR, ariko umwanditsi atinya kugashyira ahagaragara ! Mu Kinyamakuru Le Tribun du Peuple n° 108, Bizimana Jean Léonard yanyujijemo inyandiko avuguruza ibyari byamwanitse mu nomero yabanje 107, agaragaza ko hari abantu bamushinja ibuntu by'amatiku byenyegezwa na Burugumusitiri wahawe gutegeka Komini ya Rutongo kubera inyungu ze bwite.

Mu kinyamakuru Gasabo n° 49 Mutarama 2007, umunyamakuru yareruye avuga ko Semukanya ari we wagize uruhare mu ifungwa ry'uwo mudepite kubera ko yashyiraga ahagaragara imiyoborere mibi ya Semukanya yarangwaga no kunyerezwa umutungo, bityo ngo Semukanya yifashisha bamwe mu bacitse ku icumu b'abashonji bashinja Bizimana Jenoside. Icyakora ngo haje no kongerwaho ko Bizimana yigishaga amacakubiri mu baturage ababibamo ingengabitekereo ya jenoside. Ifatwa rye ngo ryabaye nyuma ya raporo

Semukanya wari Burugumesitiri wa Rutongo yamatangiye mu nama y'umutekano ya Perefegitura ya Kigali Ngari yari iyobowe na Perefe Gasamagera.

Iyi raporo ni ibaruwa yo ku wa 05/01/1998 yandikiwe Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Ighugu, Amajyambere ya Komini no gutuza abantu. Yamenyeshaga Minisitiri ko ikibazo cya Depite Bizimana cyatanzweho raporo nyinshi agatanga urugero rw'inama y'umutekano yabaye ku itariki ya 26/11/1997. Yabwiraga Minisitiri ko Bizimana amububa gukoresha inama muri Segiteri avukamo atabizi. Ko iyo Bizimana akoresheje inama ateye inkeke. Ko hari abaturage bamubeshyera ko yakoze jenoside, ko urwego ariho adashobora gufungirwa kuri Komini. Semukanya agakomeza ati: "Ibyo wenda nibyo, ariko se byari ngombwa kubwira abaturage ko Komini itamufiteho ububasha?" Muri iyo baruwa y'imppapuro enye, Semukanya arasubiza Minisitiri ibibazo yamubazaga by'umukecuru Mukamuhire wisenyera akabeshyera abaturanyi be, maze akanasubiriza uwo mukecuru abwira Minisitiri ko uwo mukecuru yasenyewe kandi agaemerwa inka zose yari afite, akanavuga ko Bizimana ari we uri hejuru y'ibyo byose, ndetse ngo akaba yarayoboye n'igitero kijya gusenyeru uwo mukecuru, ndetse no muri jenoside ngo Bizimana akaba yarayoboye n'igitero cyakoze ibindi bikorwa bibi mu gihe cy'itsembabwoko n'itsembarwoko, ndetse na nyuma y'aho ngo agatsiko kayobowe na Depite Bizimana kakaba gatera amabuye hejuru y'inzu y'uwo mukecuru. Ngo Bizimana akoroga abaturage bo muri iyo Segiteri avukamo bazi amahano yakoze mu gihe cy'intambara, Semukanya akaba yarashyize mu dukubo ko ari cyo apfa n'uwo mukecuru. Ku kibazo cya 3 Minisitiri yabazaga Semukanya cyo gusuzugura no gusuzugura Intumwa ya rubanda imbere y'abaturage amwima ijambu, Semukanya yabisubije muri aya magambo: "Sinigeze nsuzugura Intumwa ya rubanda kandi sinzabikora na rimwe. Ariko kandi nagira ngo nibutse ko Depite Bizimana atari Depite wenyinge ukomoka muri Rutongo cyangwa se muri Kigari Ngari, hari benshi kandi bagenda batwungura inama. Ikibazo cya Depite Bizimana J. Léonard ni uko yarezwe kuba yaragize uruhare mu itsembarwoko n'itsembarwoko. Ubanza n'icyo kibazo gikemutse twakorana neza nk'uko nkorana n'abandi ba Depite. Ariko ikimuhangayikishije cyane kandi birumvikana ntawekitahangayikisha". Asobanura ku kibazo cya 4 cya minisitiri aho yamubazaga impamvu zafunze ba Nyumbakumi bane, hamwe n'imikorere ya Konseye wa Segiteri Bizimana avukamo, Semunayanya yabisubije muri aya magambo: "Nagira

ngo mbamenyeshe ko hafunzwe ba Nyumbakumi babiri n'abaturage babiri, arikokandi aboba Nyumbakumi barii bamaze guhagarikwa ku kazi. Ni nabo bakekwaga kuba batera amabuye ku nzu y'ubo mukecuru Mukamuhire ufitanye urubanza na Depite Bizimana J. Léonard. Inkromoko y'ibyo byose ni uko Depite yasabye Konseye kuzajya amuha raporo za Segiteri, Konseye akamusubiza ko azasobanuza muri Komini. Guhera icyo gihe Depite yamwisyize mu mutwe ku buryo yakoresheje abo basore bane kugira ngo bameneshe uwo mukecuru Mukamuhire, kugeza aho banndikira ubuyobozi bwa Komini babusaba ko bwakuraho Konseye kubera ko aturikiranye neza ikibazo cya Mukamuhire witera amabuye akababeshyera, ndetse bakanemeza y'uko yiseneye akabeshyera abaturanyi be nk'uko mwabitubajije mu ngingo ya mbere. Naho ku mikorere ya konseye wa Segiteri Muhororo Depite Bizimana J. Léonard akomokamo, kugeza ubu, nta na kimwe tumukemangaho".

Asoza iyo baruwa, Semukanya yabwiye Minisitiri ati: "... Nkaba mbasaba nkomeje kudufasha kumukemurira ibibazo kugira ngo ari Mukamuhire n'abandi bamurega, ari ndetse na Depite Bizimana J. Léonard ubwe bashire impungenge ndetse n'ubuyobozi bwa Komini ntibuhore ku nkeke. Mboneyeho n'umwanya wo kurangiza mbasaba, Nyakubawa Minisitiri, ko ikibazo cya Depite Bizimana J. Léonard cyakwigwaho byihutirwa kuko na twe kitubangamiye cyane mu buyobozi bwa Komini, kandi no mu giturage ahoakomoka cyane cyane ko hari n'impungenge ko bishobora kuzakongeza n'andi ma Segiteri". Muri iyo baruwa dufitiye kopi, Semukanya yarasinye ateraho na kashe, abimenyesha Perezida wa Repubulika; Visi Perezida wa Repubulika; Perezida w'Inteko Ishingamategeko; Minisitiri w'Inteb; Minisitiri w'Ubutabera; Porokireri Jenerali w'Urukiko rw'Ikirenga; Perefe wa Kigari Ngari; Superefefita ya Murambi, ariko ntiyagenera kopi Depite Bizimana J. Léonard!

6. Kamonyi: Mukarurangwa Imakulata yakingiye ikibaba benshi mu nyungu ze

Hari uwitwa Kabuye wiymemerera ko yishe abantu bagera kuri 300, yaje gufungwa muri iyi minsu kubera izindi mbaraga. Hari uwitwa Nshimiyimana Boniface yacikishije. Hari uwitwa Naramabuye yari yaranze ko afungwa bikaba byarakozwe muri iyi minsu akaba yarakatiwe burundu y'umwihariko. Uwitwa Nyecumi bafunguje agacika. Hari uwitwa Hitimana Petero alias Kinumanuma yari yarakomeje gukingira ikibaba none ubu akaba afunze by'agateganyo, ariko akaba arimo gukoresha uko

ashoboye ngo afungurwe. Mu nyungu ze bwite n'abo bafatanyije arashaka ko abantu bajugunye abatutsi muri Nyarabarongo batamenyekana. Uwitwa Koline Jean Bosco watohoje amazina yabo yandikiye Inteko gacaca ya Kigese n° B, asobanura abantu bategetse iyicwa ry'abantu bari bahungiye muri Kilizya ya Gihara kuko ari two rubanza rwaburanwaga haburana Hitimana Pierre alias Kinumanuma ku itariki ya 14/10/09. Muri iyo baruwa yo ku wa 28/10/2009 dufitiye kopi, avugamo: Ndayambaje Sixbert wari Burugumesitiri

wa Runda; Karege Emile w'i Gihara; Ntezirizaza wari Konsiye wa Rugarika; Uwimana Pelagie mwarimu i Kigese; Ntakirutimana Joseph alias Sankara ufungiyre muri gereza ya Kigali; Kagarama Emmanuel; Kabalira Callixte w'i Gihara; Setiba Joseph; Masengesho Antoine na Munyakigeli Uziel b'i Gihara. Anavuga abantu bagera kuri 18 bashyize mu bikorwa iyicwa ry'abo batutsi babapakira mu modoka babajyana muri Nyabarongo. Avuga Nyecumi Alexandre; Gashirabake Eugene; Usenzeneza Joseph; Naramabuye Eugene(uyu yakatiwe bundu muri uku kwezi kwa 11) b'i Gihara; Munyeshuri Appolinaire; Kataharwa Emmanuel; Gahutu mwene Birianze; Karambizi Emmanuel, na Kayumba Céléstin bahimbaga Sergent b'i Muganza; Mugarura Thomas wa Musebeya; Nshimiyimana Boniface; Mubiligi Jean Pierre; Minani alias Bujuari mwene Mujyambere bo ku Ruyenzi; Munyaneza wari Brigadier i Runda; Habiyambere Claver wari umwungirije; Hakizimana J.M wari umupolisi i Runda; Mbaraga Joseph wa Bishenyi; Munyankumburwa Isaïe wa Kamuhanda, na Nishimwe mwene Kamuhanda. Abashoferi batwaye imodoka zijja kuroha abatutsi, Kolone utanga aya makuru yavuze 10: Ntakirutimana alias Sankara ufungiyre muri gereza ya Kigali; Munyankumburwa Isaïe; Hitimana Pierre alias Kinumanuma waburanaga ku itariki twavuze haruguru; Uwitwaga Kaporali wari umushoferi wa ANJEKO i Gihara; Mubiligi Jean Pierre; uwo bahimbaga Muzigaba Irayicyaha uba mu Gatsata; Sharangabo ubarizwa mu Nkoto; Ubayeho Bonaventure alias Muzehe, na Uzaribara Gakomo, Ruberankiko Jean Paul bo mu Rugazi. Kolone akaba avuga ko ubu buhanya bwatanzwe mu mwaka wa 2003 kuri Pariki ya Gitarama afatanyije n'abacikacumu 6 babizi batigeze babazwa n'inkiko gacaca! Umuyobozi wese washaka kuzimanganya ibi bantu byabaye muri jenoside kubera inyungu ze bwite, akaba akwiye gefatirwa ibyemezo koko.

Mu nama yo kwezi kwa 11/2009 yari iyobowe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa gacaca ku rwego rw'Ighugu n'uwa Komisiyo y'Ighugu y'Ubumwe n'ubwiyunge,

Mukarurangwa yavuzweho kubuza inyangamugayo gukora neza mu Karere ka Kamonyi bigatuma gacaca itagenda neza mu manza zinyuranye, bakaba baranatanze urugero mu rubanza ruherutse kubera ku Murenge wa Runda, ariko icyo kibazo Mukantaganza yagisubije bwangu avuga ko ariko zibishinzwe zikaba zizabifatira umwanzuro.

7. Kandida Perezida Dr. Niyitegeka Théoneste

Urubanza rwe rwateye amacakubiri muri Gacaca kubera ko benshi bazi ko azira ubusa, ariko abanyakuri barushijwe ingufu arafungwa. Urwo rubanza rware rufite ibindi bintu birwihishe inyuma. Byaje gutungurana nyuma yo kujyanwa muri gereza ya Gitarama yaje kwimurwa igitaraganya ajyanwa muri Gereza ya Nsinda i Kibungo kugira ngo ataba hafi y'umuryango we. Abantu batandukanye biganjemo abacitse ku icumu rya jenoside, bagiye ku rwego rw'Ighugu rushinzwe inkiko gacaca, batakambira Umunyamabanga Nshingwabikorwa warwo Madamu Mukantaganza Domitille, bamwereka ibimenyetso bitandukanye bigaragaza ko Dr. Niyitegeka atigeze agira uruhare muri jenoside.

Abacikacumu bamwe bari kumwe nawe mu bitaro aho yakoraga i Kabgayi ntibahwemye kugaragariza Mukantaganza ko Dr. Niyitegeka ariwe muganga wabavuye ibikomere yaba mu gihe jenoside yabaga ndetse na nyuma y'aho FPR yarafashe Kabgayi. Byose byapfuye ubusa.

Urubanza rwe rwashingye ku mpamvu za politiki dore ko Niyitegeka atigeze yemera na rimwe miterrand warenganjwe na bamwe mu bacikacumu muri Nyakabanda



8. Mbarute Francois alias Miterrand warenganjwe na bamwe mu bacikacumu muri Nyakabanda

Urubanza rwe rwabereye ku Murenge wa Nyakabanda, ariko kubera inyungu za bamwe mu bacikacumu yabujije kwigarurira imitungo y'abandi, byatumye batera ubwoba bagenzi babo bacitse ko icumu bazi neza ko ari umwore, bababwira ko nibibeshya bakigaragaza bamushinjura bazabahitana, bityo baracecka arafungwa.

Ubushakashatsi bw'Umuseso



ROTO FOSSES SEPTIQUES



Roto Reality!



Plastic Water Tank



Roto Toilets



LoftWater Tank



Horizontal Water Tank

PLASTIC WATER TANKS

ROTO TANKS